# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-14 | TARIKI 20 - 26 Gicurasi 2025 RPC | P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31


AMAKURU



Perezida Kagame yerekanye inkingi 3 Afurika yakubakiraho ikagira umutekano usesuye 2

AMAKURU



Kurera abana neza ni ingirakamaro ku muryango no ku Gihugu-Jeannette Kagame 5

MU NTARA



Nyamasheke: Habonetse imibiri 3 y'abazize Jenoside 17

MU NTARA



Nyagatare: Akazi yahawe muri VUP katumye yiyubakira inzu 19


# Madamu Jeannette Kagame yahembye Inkubito z'Icyeza 123




**Madamu Jeannette Kagame yahembye abakobwa batsinze neza amasomo, bazwi nk'Inkubito z'Icyeza**

**ZIGAMA Theoneste**

***Madamu Jeannette Kagame yahembye abana b'abakobwa 123 muri 471 babaye indashyikirwa bagatsinda neza amasomo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu mwaka ushize wa 2023/2024, bazwi ku izina ry'Inkubito z'Icyeza.***

Ni igikorwa ngarukamwaka cyabaye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 24 Gicurasi 2025, mu Intare Conference Arena, cyahuriranye n'ibirori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 ishize Umuryango Imbuto Foundation umaze ushyigikira iterambere ry'uburezi bw'umwana w'umukobwa.

KOMEZA KU RUP.3

## Umunyarwandakazi mu basoje amasomo ya Gisirikare muri Amerika



INKURU KU URUP.2

# Hatangajwe igihe abanyeshuri bazakorera ibizamini bya Leta

**KAMALIZA Agnes**

***Ku Cyumweru tariki ya 25 Gicurasi 2025, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizami n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), cyatangaje ko ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza bizatangira ku wa 30 Kamena bigasozwa ku wa 03 Nyakanga 2025.***

Ni mu gihe ibizamini bisoza Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye bizakorerwa rimwe n'ibisoza umwaka wa gatandatu w'ayisumbuye kuva wa 09 Nyakanga bigasozwa ku wa 18 Nyakanga 2025.

Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bahati Bernard yatangaje ko imyiteguro y'ibizamini bya Leta irimbanyije haba ku ruhande rw'abanyeshuri, abarezi ndetse n'ababyeyi.

Yagize ati: "Bariteguye ni ibisanzwe, amashuri arabimenyereye, ababyeyi barabizi imyiteguro imeze neza."

Yanasabye ababyeyi kuba abana hafi, cyane cyane abitegura gukora ibizamini bya Leta kuko ntaho bitaniye n'andi masuzuma bakora.

KOMEZA KU RUP.3



Sous-Lieutenant Janet Uwamahoro, umunyarwandakazi mu basoje amasomo ya Gisirikare muri Amerika

## Umunyarwandakazi mu basoje amasomo ya Gisirikare muri Amerika

**KAYITARE Jean Paul**

***Sous-Lieutenant Janet Uwamahoro ari mu basoje amasomo mu ishuri rya Gisirikare rya US Coast Guard Academy ryo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ku wa Gatatu tariki 21 Gicurasi.***

Minisiteri y'Ingabo z'u Rwanda yatangaje ko Sous-Lieutenant Uwamahoro arangije amasomo mu bijyanye n'ibikorwa by'ubushakashatsi ndetse no gusesengura amakuru.

Uyu muhango wabaye ku nshuro ya 144, witabiriwe n'Umujyanama mu bya Gisirikare muri Ambasade y'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye, Col Deo Mutabazi.

United States Coast Guard Academy bi shuri rihererereye mu Mujyi witwa New London wo muri Leta ya Connecticut muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ryatangiye mu mwaka wa 1876, rikaba ryigisha ibyiciro by'ingenzi 9 by'amasomo harimo n'amasomo yagenewe abazavamo abarinda abayobozi bakuru.

Ubu riyobowe na Michael J. Johnston, akaba umuyobozi wa 43.

# Perezida Kagame yerekanye inkingi 3 Afurika yakubakiraho ikagira umutekano usesuye

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yagaragaje inkingi ishatu, Umugabane wa Afurika wakubikiraho kugira ngo ugire umutekano usesuye, zirimo gufata inshingano zo kuwicungira, gukorera hamwe, no kujyanisha imiyobore no gucunga umutekano.***

Yabigarutseho ku itariki ya 19 Gicurasi 2025, ubwo yatangiza ku mugaragaro Inama Mpuzamahanga ya mbere y'Umutekano muri Afurika (ISCA).

Yagize ati: "Umutekano wacu, wakunze gufatwa nk'aho ari umutwaro ukwiye kwikorerwa n'abandi. Tugashyira imbaraga nkeya mu kuwubungabunga, ibyatumye tutabibonamo inyungu twifuzaga."

Umukuru w'Igihugu yavuze ko ubwo buryo butatanze umusaruro ku mutekano muri Afurika no ku Isi.

Yavuze ko gutangiza Inama Mpuzamahanga ya ISCA, bidashingiye ku gukora inama gusa ahubwo ari uburyo bwo gufungura urubuga ku Banyafurika, nabo bagatangira kugira uruhare mu biganiro bigamije amahoro ku Isi.

Yagize ati: "Gukomeza iyo ntambwe, ntibivuze ko tuzaba duhejwe ahubwo ni uko Afurika izaba ari umufatanyabikorwa ubikwiye kandi ubifitiye ubushobozi kugira ngo umutekano ugerweho."

Perezida Kagame yatinze cyane ku kwerekana inkingi eshatu zigomba gushingirwaho kugira ngo umutekano muri Afurika ugerweho uko bikwiye.

### Inkingi yo gufata inshingano zo kwicungira umutekano

Perezida Kagame yagize ati: "Dufite inkingi eshatu zo gushyira mu bikorwa, icya mbere ni ukubigira ibyacu,




**Perezida Paul Kagame yagaragaje ko Afurika ifite inshingano zo kwicungira umutekano**

ntidukwiye kwinubira ibibazo twatejwe n'abo hanze nyamara ari twe twaremye impamvu zibitera."

Yakomeje agira ati: "Ubusugire ntabwo ari ukurinda imipaka gusa, ni ugufata inshingano zo kurinda umutekano yaba Igihugu ubwacyo ndetse n'Umugabane muri rusange."

Yakomeje avuga ko mu gihe ibyo bitabaye bituma ibihugu bya Afurika bitakaza agaciro ndetse hakabura n'uburyo bwo kwicungira umutekano.

Ati: "Tugomba kubaka inzego zihamye z'Umugabane wacu, zirimo Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, n'Akanama gashinzwe Umutekano n'Amahoro, hagamijwe gukemura ibibazo by'umutekano."

### Inkingi yo kujyanisha imiyoborere n'umutekano

Perezida Kagame yumvikanishije ko ibihugu bya Afurika bikwiye gufata iya mbere mu guhuza imiyoborere myiza ijyanishwa no kubungabunga umutekano.

Ati: "Iyo kimwe gifite intege nke ikindi kirahababarira. Iyo byose bibuze icyizere kirabura, n'iterambere rikabura.

Umutekano ntabwo ari igihe hatari ibibazo. Akazi kacu nk'abayobozi ni ugushyiraho uburyo abaturage babaho neza bisanzuye, bishimiye ubuzima bwabo, barangamiye ejo hazaza kandi bafite icyizere gifatika."

### Inkingi y'ubufatanye mu gucunga umutekano

Perezida Kagame yabwiye abitabiriye iyo nama ya ISCA ko ubufatanye bw'Ibihugu ari ingenzi mu kubungabunga umutekano muri Afurika, ashimangira ko nta gihugu gishobora kuwugeraho kidafatanyije n'ibindi.

Ati: "Nubwo mu gihugu imbere ibintu byaba bimeze neza, nta gihugu uyu munsi gishobora gucunga umutekano ubwacyo gusa. Hari ibibazo by'umutekano bitanashingiye ku mipaka, birimo ibyorezo, iterabwoba, n'ibyaha bikorerwa ku ikoranabuhanga byose bikomeje kwiyongera, rimwe na rimwe bikihuta kurusha ibyemezo bishyirwaho n'ibihugu byo kubirwanya."

Yunzemo ati: "Ariko ubufatanye bugomba kurenga ibyo guhana amakuru, guhuza ingabo n'ubundi buryo bukoreshwa, hagomba gushyirwaho ingamba, kandi bigahagurikirwa ndetse no guhanga ibishya. Icy'ibanze cyakemura ibibazo by'umutekano bikomeje kugaragara, gishingiye ku bushobozi bwacu, bwo kwishyiriraho ibisubizo".

Yashimangiye ko gutangiza iyi nama ya ISCA ari igihamya ko kwishakamo ibisubizo nk'Abanyafurika byo kwicungira umutekano bishoboka.

Yavuze ko muri inama hasuzumwa niba Afurika ifite ubushobozi bwo kubikora, byagaragara ko itabishoboye hagashyirwaho ingamba zo kubaka ubwo bushobozi binyuze mu bufatanye bw'Ibihugu biyigize.

Yumvikanishije ko uru rubuga rutangijwe rukwiye kuba umwanya wo gushyiraho ubushake bwa politiki no kureba inyungu bifitiye ibihugu n'umugabane muri rusange, harebwa ibyihutirwa kurusha ibindi.

Yasabye abitabiriye ISCA ko badakwiye kumva ubutumwa butangirwa muri iyi nama gusa ngo batuze ahubwo ko bajya gushyira mu bikorwa ibyigiwemo kandi bakarushaho gukemura ibibazo by'umutekano.

Umuyobozi Mukuru w'Inama Njyanama ya ISCA, Moussa Faki Mahamat yashimye u Rwanda rwemeye kwakira iyi nama, ashimangira ko igiye kuba urubuga rwiza rwo kuganiriramo uko Afurika yakwicungira umutekano.

Yagize ati: "Afurika ikwiye kubakira ku buryo bushingiye ku byo ubwayo ibamo, hagashyirwaho n'intego zifatika zo kurwanya ibibazo by'umutekano."

Iyi nama y'Umutekano kuri Afurika ISCA, yitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Umunyamabanga Mukuru w'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Igifaransa ku Isi (OIF) Mushikiwabo Louise, abayobozi b'inzego z'umutekano mu bihugu bitandukanye bya Afurika n'ibyo ku Isi, ingabo, polisi n'abandi baturutse mu bihugu bisaga 70 byo hirya no hino ku Isi.





# Madamu Jeannette Kagame yahembye Inkubito z'Icyeza 123

IBIKURIKIRA URUP.1

Muri uko guhemba Inkubito z'icyeza abarangije amashuri yisumbuye icyiciro rusange, bahabwa ibihembo birimo impambushobozi, ibikapu, ibikoresho by'isuku, ibikoresho by'ishuri birimo amakayi, amakaramu, ndetse bakanahabwa ibihumbi 20 by'amafaranga y'u Rwanda, hagamijwe kubafasha gutangira kwimenyereza kuzigama bakiri bato.

Abarangije amashuri yisumbuye bo bahabwa mudasobwa igendanwa n'ibihumbi 100 bibafasha gutangira kugira umuco wo kwizigamira no kwiteza imbere.

Ishimwe Blessing Giana wiga kuri Rwanda Coding Academy, yashimiye Madamu Jeannette Kagame ushyigikira umwana w'umukobwa mu myigire ye, na Imbuto Foundation.

Yagize ati: "Kera ababyeyi batubwiraga ko nitwiga tugatsinda bazadukorera ibi n'ibi, ariko ubu byabaye intego ko Igihugu gikomeje gutera umwete, kudushimisha kandi tunatsinda."

Yashimiye bakuru babo b'Inkubito z'Icyeza berekanye ko ibyo umukobwa yiyemeje ashobora kubigeraho.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette yashimiye ko igikorwa cyo guteza uburezi bw'umwana w'umukobwa bwagize akamaro mu myigire yabo.

Yagize ati: "Politi y'uburezi kuri bose yatanze umusaruro […], igipimo cy'abata ishuri cyavuye ku 8,7% mu 2021, ubu kiri kuri 4,3%,"

Yunzemo ati: "Ibizami bisoza ibyiciro, na byo bitwereka ko abana b'abakobwa ari bo batsinda ku kigero gishimishije. Ab'indashyikirwa muri bo ni bo twizihiza uyu munsi."

Yavuze ko hanashyizweho gahunda yo gufasha abanyeshuri gusubira mu masomo yabo (Remedial Learning Clubs) aho abayitabira 80% ari abakobwa kandi ibafasha gutsinda neza.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, MIGEPROF, Uwimana Consolee, yashimiye Inkubito z'Icyeza, ashimangira kuba barabaye abakobwa b'indashyikirwa byatumye by'umwihariko bakora imirimo ubusanzwe yakorwaga n'abagabo.

Yagize ati: "Basigaye bakora imirimo yitwaga iy'abahungu. Nashimishijwe n'uko mu minsi ishize twabonye, umwana w'umukobwa wabaye uwa mbere w'indashyikirwa mu ngabo z'Amerika mwarabibonye. Ibyo byose ni ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu."

Yashimye ko mu Rwanda muri gahunda za Leta z'iterambere, himakazwa ihame ry'uburinganire hagamijwe ko nta n'umwe usigara inyuma.

Inkubito z'Icyeza tubabonamo, icyizere cy'ejo hazaza, kandi turifuza ko mukomeza gukora kandi mukaba indashyikirwa. Mube indashyikirwa mu mico n'imyifatire, nta nkubito y'icyeza yasinze, yiyandaritse."

Yakomeje avuga ko kandi na basaza babo bakwiye guharanira kwiteza imbere bagateza imbere Igihugu.

Yakomeje asaba ababyeyi guha icyo abana babo bakeneye by'umwihariko bagakurikirana imyigire yabo.

Buri mwaka Madamu Jeannette Kagame ahemba abanyeshuri b'abakobwa batsinze neza, ndetse binyuze mu muryango Imbuto Foundation abo bakobwa bakomeza gufashwa gutekereza kure na nyuma yo kurangiza amasomo yabo.

Kugeza ubu hamaze guhembwa abasaga 7 600 b'Inkubito z'Icyeza, bakaba bakora imirimo itandukanye ubusanzwe yafatwaga nk'iy'abagabo.

Uyu mwaka, abakobwa bose bazashimirwa ni 471 baturutse mu gihugu hose. Muri bo, 123 bahawe ibihembo muri ibyo birori byabereye kuri Intare Conference Arena, mu gihe abandi bazabiherwa mu mashuri yabo.

# Hatangajwe igihe abanyeshuri bazakorera ibizamini bya Leta


IBIKURIKIRA URUP.1

Yagize ati: "Abana bakwiye kwitegura neza ibizamini bya Leta no kwirinda igihunga. Ni isuzuma nk'ayandi basanzwe bakora."

Umwaka ushize w'amashuri wa 2023/2024 abanyeshuri biyandikishije gukora ibizamini bya Leta banganaga na 91.713 ariko hakaba harakoze gusa 91.298 bangana na na 99,5%.

Ku ngingo yo kuba hiyandikisha benshi ariko bose ntibakore, Dr. Bahati yagaragaje ko biterwa n'impamvu zitandukanye zirimo uburwayi cyangwa guta ishuri.

Yagize ati: "Impamvu ya mbere aba ari uburwayi ibizamini bikagera atabashije kubikora ariko iyo arwaye abasha gukora turamufasha dushyiraho uburyo



**Abanyeshuri biteguye gukora ibizamini bya Leta**

tumushyikiriza ikizamini. Ariko hari n'abandi bashobora kuba bakwiyandikisha ariko umunsi wo gukora ukagera yaragize impamvu zituma avamo."

Yongeyeho ko uko imyaka igenda yicuma imibare y'abana bava mu ishuri igenda igabanyuka bitewe n'ingamba zashyizwe mu burezi harimo kugaburira abana ku ishuri n'izindi.

Gusa avuga ko nubwo imibare y'abata ishuri igenda igabanyuka, itaragera ku rwego rwifuzwa.

Imibare yavuye mu bushakashatsi bwa Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) bwa 2022 yagaragaje ko abana bataye ishuri icyo igihe bangana na 177 119.

Yanagaragaje ko mu mwaka wa 2019 abana b'abahungu bafite nibura imyaka 12, abagera kuri 13.4% bataye ishuri mu gihe abakobwa ari 5.2% ariko iyo mibare y'abakobwa igenda yiyongera bitewe n'uko bakura.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe yitabiriye inama yiga ku bufatanye bwa EU-AU

# Minisitiri Nduhungirehe yitabiriye inama yiga ku bufatanye bwa EU-AU

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Jean-Patrick Nduhungirehe, yageze i Buruseli mu Bubiligi aho yitabiriye inama yahuje Abaminisitiri b'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) n'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'u Burayi (EU).***

Ni inama y'umunsi umwe yateranye ku wa Gatatu tariki 21 Gicurasi 2025. Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane yatangaje ko muri iyi nama Abaminisitiri bunguranye ibitekerezo ku bufatanye bwa EU-AU.

Yagize iti: "Barungurana ibitekerezo ku bufatanye bwa EU-AU n'uburyo bwo kurushaho gushimangira ubufatanye muri uyu mwaka hizihizwa isabukuru y'imyaka 25 y'ubufatanye burambye bw'imiryango yabo."

By'umwihariko Guverinoma y'u Rwanda ishima umubano uzira amakemwa urangwa hagati y'u Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), cyane cyane ukaba ushimangirwa n'ubufatanye bwihariye u Rwanda rufitanye na buri gihugu kiwugize.

Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ugira uruhare rukomeye mu bikorwa byo kubungabunga amahoro mu bice butandukanye by'Isi.

Mu mpera z'umwaka wa 2022, uwo Muryango wemeje inkunga ya miliyoni 20 z'Amayero yo gushyigikira ibikorwa by'Ingabo z'u Rwanda zoherejwe guhashya iterabwoba mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique.

# CMA na CISI mu guteza imbere Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ikigo cy'Abanyamwuga mu by'Imari n'Imigabane ku rwego mpuzamahanga, Chartered Institute for Securities & Investment (CISI), ryasinyanye amasezerano mashya y'ubufatanye n'Urwego rw'u Rwanda Rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) hagamijwe kongera ubunyamwuga mu Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda.***




Hasinywe amasezerano hagati ya CMA na CISI agamije guteza imbere Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda

Ayo masezerano yashyiriweho umukono ku Cyicaro Gikuru cya CISI i Londres mu Bwongereza, na Tracy Vegro OBE, Umuyobozi Mukuru wa CISI, ndetse na Thapelo Tsheole, Umuyobozi Mukuru wa CMA.

Ni amasezerano agena uburyo bwo kongerera ubushobozi abakozi b'Urwego rw'Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda, binyuze mu byangombwa by'itegeko bisabwa kugira ngo bemererwe gukora uwo mwuga, ndetse n'ubusabe bwo gukomeza kwihugura buri mwaka (CPD).

Imwe mu nkingi z'ingenzi z'aya masezerano ni gahunda nshya igizwe n'ibice bitatu byo kubona uruhushya rw'umwuga ku bakozi b'Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda.

Ibi birimo icyemezo mpuzamahanga cya CISI cyitwa International Introduction to Securities & Investment, isuzuma rijyanye n'amategeko y'u Rwanda (Rwanda Regulatory Assessment) ryavuguruwe, ndetse n'isuzuma rishingiye ku mwuga nyirizina umukandida asaba. Ubu buryo bujyanye n'ibihe ndetse n'amahame mpuzamahanga.

Kongera CPD nk'icyangombwa cyo kongererwa uruhushya bizafasha abakozi bo mu rwego rw'imari n'imigabane ko bagira ubumenyi n'ubushobozi bujyanye n'igihe, bityo bagakomeza gutanga serivisi zinoze kandi zizewe.

Izo mpinduka ziri mu murongo n'icyerekezo cya Leta y'u Rwanda cyo guteza imbere Kigali nk'Igicumbi Mpuzamahanga cy'Imari.

Tracy Vegro OBE, Umuyobozi Mukuru wa CISI, yagize ati: "CISI yiyemeje gukorana n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) mu gushyiraho porogaramu z'ubumenyi ku rwego rwo hejuru, gahunda yo gukomeza kwihugura (CPD), n'ubunyamwuga ku bakozi b'urwego rw'imari mu Rwanda.

Kongera ireme, ubumenyi n'ubushobozi ni inkingi za mwamba mu kubaka urwego rw'imari rw'umwuga no kugirira icyizere abakiliya b'uru rwego."

Thapelo Tsheole, Umuyobozi Mukuru wa CMA, yagize ati: "Uyu munsi twateye intambwe ikomeye mu rugendo rwo guteza imbere ubunyamwuga n'indangagaciro z'urwego rw'imari n'imigabane mu Rwanda.

Ubufatanye na CISI buzadufasha gushyira mu bikorwa gahunda ishingiye ku byemezo n'ubushobozi bw'umwuga, izafasha abakozi b'uru rwego kugira ubumenyi bukwiye n'indangagaciro zikenewe mu rwego rw'imari."

Yakomeje ahamya ko iyi gahunda ijyanye n'icyerekezo cyacu cyo guteza imbere Kigali nk'Igicumbi Mpuzamahanga cy'Imari no gushyigikira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'igihe kirekire y'iterambere ry'isoko ry'imari n'imigabane, nk'umusingi w'iterambere ry'ubukungu bw'igihe kirekire.

Ubufatanye bushya bwa CMA na CISI bubonwa nk'intambwe ikomeye mu guteza imbere Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda, ndetse bunashimangira uruhare rwa CISI nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi mu guteza imbere ubumenyi n'ubunyamwuga mu rwego rw'imari muri Afurika.





# Kurera abana neza ni ingirakamaro ku muryango no ku Gihugu-Jeannette Kagame




Madamu Jeannette Kagame yahembye Inkubiuto z'Icyeza anibutsa ko uburere ari ibanze ku muryango n'Igihugu

**ZIGAMA Theoneste**

***Madamu Jeannette Kagame yatangaje ko kuba u Rwanda rwarashyize imbaraga mu guteza imbere uburezi budaheza bushyigikira umwana w'umukobwa, byagize akamaro ku muryango no ku gihugu muri rusange.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 24 Gicurasi 2025, mu birori byo kwizihiza imyaka 20 ishize umuryango Imbuto Foundation yashinze, umaze ushyigikira uburezi bw'abana b'abakobwa.

Mu butumwa yatanze yagize ati: "Twasobanukiwe ko kurera abato bacu neza, atari bo gusa bigirira akamaro, ahubwo ari inyungu z'umuryango n'igihugu muri rusange."

Yunzemo ati: "Iyi ntabwo ari isabukuru y'ibihembo gusa, ni iy'inzozi twarose kera, none murabyirebera ko zabaye impamo kandi biracyakomeza."

Yavuze ko hizihizwa abakobwa bahisemo gukabya inzozi zabo bakandika amateka umuntu atiyumvishaga.

Ati: "Imyaka 20 irashize habibwe icyizere, ubushobozi ku mwana w'umukobwa. Uyu munsi turishimira kuba izo mbuto zaratangiye kwera mu muryango, mu mashuri, no mu iterambere ry'Igihugu."

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko ibyo bishimangira igitekerezo ngenga cy'Umuryango Imbuto Foundation.

Ati: "Ibi kandi bisobanura neza igitekerezo ngenga cya Imbuto Foundation kivuga ko imbuto itewe neza mu gitaka giteguwe neza, ikuhirwa, igahabwa iby'ingenzi byose, irakura ikavamo igiti cy'inganzamurumbo, kitanyeganyezwa n'icyo ari cyo cyose."

Yagarutse ku Nkubito z'Icyeza, ubu zabaye abaganga, abashinzwe, umutekano, abayobozi n'abandi bari mu nzego zitandukanye, aho bakomeje kuba intangarugero muri sosiyete, ashimangira ko bigaragaza uko igihugu giha agaciro umukobwa mu iterambere ryacyo.

Yagize ati: "Igitekerezo cy'iyi gahunda cyaturutse ku gitekerezo cyagutse cy'Igihugu cyacu cyo kubaka uburezi kuri bose, budaheza kandi buha amahirwe angana abahungu n'abakobwa.

Yakomeje avuga ko aho ari ho hatangiye ibikorwa byo guhemba abakobwa bahize abandi mu gutsinda neza, ngo bibatere kumva bashyigikiwe barusheho gukora neza ndetse banabere intangarugero bagenzi babo.

Ati: "Mu Kinyarwanda tuvuga ko ntawigira, abakobwa bonyine ntibatera imbere ngo bagere kuri ibi byiza twizihiza. Dufashe uyu mwanya ngo dushimire ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, bwashyize imbere gahunda ya 'He for She'."

Yemeje ko iyo gahunda ya 'He For She' yatanze umusaruro mu guhindura imyumvire y'abaturage, aho usanga abahungu benshi batagirira ishyari, bashiki babo bagiye mu myanya ikomeye.

Madamu Jeannette Kagame yumvikanishije ko muri iki gihe cy'iterambere abakobwa bahabwa amahirwe bakwiye no kwigirira icyizere, kwiyubaka imbere no gufatanya n'abandi.

Yasabye abayobozi mu ngeri zitandukanye gukomeza kubafasha kugira ngo ayo mahirwe bahawe atayoyoka.

Yavuze ko imyaka 20 ishize ikwiye kuba isomo ku Banyarwanda bagafasha abana b'abakobwa kimwe n'abahungu, batozwa kugira imico n'imyifatire myiza.

Yasabye Inkubito z'icyeza gukomeza guharanira kuzavamo ababyeyi barerera u Rwanda abana babo bagatuma ruba Igihugu cyiza kandi kigera ku ntego rwihaye.

Yababwiye ko bakwiye kugira amakenga birinda uwababwiye kubagezaho iterambere mu buryo bworoshye cyane cyane iyo ayo makuru atizewe.

Yashimangiye ko u Rwanda rwifuza abakobwa biga amasomo ya siyansi kugira ngo bakomeze kuba indashyikirwa mu nzego zose.

Buri mwaka, Imbuto Foundation ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa, batanga ibihembo ku bakobwa bitwaye neza mu myigire yabo mu rwego rw'ubu bukangurambaga.

Ibihembo bitangwa birimo ibikoresho by'ishuri, inkunga y'amafaranga yo gutangira kwiga kaminuza, ndetse n'amahugurwa mu by'ikoranabuhanga ku barangije amashuri yisumbuye.

Ubukangurambaga bwo guteza imbere uburezi bw'abakobwa bwatangijwe na Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Jeannette Kagame, mu mwaka wa 2005, bugamije gukemura ikibazo bitandukanye bishingiye ku gitsina mu burezi, binyuze mu gushishikariza no kongerera abakobwa ubushobozi bwo kwiga, kuguma mu ishuri no kwitwara neza.

Uyu mwaka, abakobwa bose bazashimirwa ni 471 baturutse hirya no hino mu Gihugu. Muri bo, 123 bahawe ibihembo muri ibyo birori byabereye kuri Intare Conference Arena, mu gihe abandi bazabiherwa mu mashuri yabo.




Madamu Jeannette Kagame yifatanyije n'Inkubito z'Icyeza kwizihiza isabukuru y'imyaka 20, y'iterambere ry'uburezi bw'umukobwa

# U Rwanda na Loni basinye amasezerano miliyari 1,04 yo gushyigikira iterambere

KAYITARE Jean Paul

***Guverinoma y'u Rwanda n'Umuryango w'Abibumbye, Loni, bashyize umukono ku masezerano agamije kuzamura iterambere ry'igihugu. Loni yatangaje ko mu myaka Itanu (2025-2029) izatanga miliyari 1,04 z'amadolari ya Amerika azakoreshwa mu rwego rwo kuzamura iterambere ry'u Rwanda.***



**U Rwanda na Loni bashyize umukono ku masezerano yo gushyigikira iterambere**

Itangazo rigenewe abanyamakuru ryatanzwe na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, MINECOFIN, rigaragaza ko amasezerano yashyizweho umukono n'impande zombi ku wa 20 Gicurasi 2025 muri gahunda y'imikoranire y'Umuryango w'Abibumbye, igamije iterambere rirambye (UNSDCF).

Ku ruhande rw'u Rwanda yashyizweho umukono na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, mu gihe Loni yari ihagarariwe n'umuhuzabikorwa w'amashami yayo mu Rwanda, Ozonnia Ojielo.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yagize ati: "Iyi gahunda nshya ni ikimenyetso cy'ubufatanye bukomeye bwacu n'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'icyerekezo cy'u Rwanda cy'ahazaza harangwa n'uburumbuke, kudaheza kandi harambye. Igaragaza kandi intego n'indangagaciro duhuriyeho, n'intego yacu yo kutagira uwo dusiga inyuma."

Mu myaka itanu, miliyari 1,04$ zizakoreshwa muri gahunda zirimo guteza imbere ubukungu butagira uwo buheza, kuzamura ubumenyi bw'abantu, kwimakaza imiyoborere izana impinduka, uburinganire bw'abagabo n'abagore, kurwanya imihindagurikire y'ibihe no guhanga ibishya.

Umuhuzabikorwa w'amashami ya Loni mu Rwanda, Ozonnia Ojielo yagize ati: "Mu gihe Umuryango w'Abibumbye wujuje imyaka 80, iyi gahunda ishimangira umuhate duhuriyeho wo gukorera hamwe no gushyigikira urugendo rw'u Rwanda rw'impinduka."

Mu cyerekezo 2050 u Rwanda rugamije kuba igihugu gifite ubukungu buteye imbere ku rugero ruringaniye muri 2035 n'ubukungu buteye imbere mu 2050 binyuze mu iterambere ry'ubukungu burambye no kugeza abaturage bose ku buzima bwiza.

# Igihugu kidateza imbere abakobwa n'abagore kiba gifite igihombo- Mushikiwabo

NYIRANEZA Judith

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa, OIF, Madamu Mushikiwabo Louise yasabye Inkubito z'Icyeza gukomeza kugumana ubunyarwanda nk'indangamuntu kandi asobanura ko Igihugu kidateza imbere abakobwa n'abagore kiba gifite igihombo.***

Yabigarutseho ubwo hizihizwaga imyaka 20 hatangijwe ubukangurambaga bwo gushyigikira iterambere ry'uburezi bw'umwana w'umukobwa bwatangijwe n'Umuryango Imbuto Foundation, ibirori byabaye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 24 Gicurasi 2025.

Yagize ati: "Umuntu yakora byinshi cyane ariko Igihugu kidateza imbere abakobwa n'abagore kiba gifite igihombo gikomeye cyane. Igihugu cyacu rero icyari kuba igihombo cyavuyemo igifatika, Igihugu cyacu cyarungutse cyane ndabimushimira by'umwihariko kandi n'I igikorwa tubona ko kizakomeza hari byinshi byiza bikiri imbere."

Yavuze ko kugira ababyeyi beza, inshuti bikagarukira aho nta kindi kikuzamura nk'Igihugu haba harimo igihombo.

Umwana w'umukobwa muri iki gihugu arashyigikiwe, ni byiza kugira ugushyigikira. Kumvisha umwana w'Umukobwa ko yashobora guhita ahaguruka ni igikorwa gikomeye cyane ashimira Imbuto Foundation.

Mushikiwabo yavuze kandi ko akundira Madamu Jeannette Kagame umutima n'ubwenge akoresha neza kandi cyane by'umwihariko mu gushyigikira umwana w'umukobwa.

Ati: "Nagira ngo mushimire ko yabikoresheje ku bana b'abakobwa b'iki Gihugu mukaba muri aho muri bo guhindura ubuzima bw'umuntu umwe ni ikintu gikomeye, umuntu 1 gusa ukamuha icyizere akamwumvisha ko uri aho hafi ni ikintu gikomeye cyane."

Bariya ibihumbi birenga 7 birenga buri wese afite ibindi bihumbi bagenda bamufatiraho icyitegererezo.



**Umunyamabanga Mukuru wa OIF, Madamu Mushikiwabo Louise yagaragaje ko kudateza imbere abakobwa n'abagore ari igihombo**

Yasobanuriye Inkubito z'Icyeza uko yize, mu mashuri makuru yiga science ariko akumva ariyumvamo indimi, aba ari zo akomerezamo muri kaminuza y'u Rwanda i Nyakinama yiga icyongereza.

Nyuma ajya kwiga muri Amerika yiga Igifaransa kugira ngo abone na buruse kuko kaminuza yari ikeneye abiga Igifaransa.

Mushikiwabo yabwiye Inkubito z'Icyeza ko zigomba kumenyera bitewe n'aho ziri, icyo zikora, zikagumana ubunyarwanda (identite).

Yagize ati: "Nafashe umwanya wo kumenyera. Ntibivuga ngo fata byose uko ubibonye, Bidusaba kwimenyereza ikintu gishya cyane cyane iyo ari cyiza kigufitiye akamaro bituma urenga ibyo usanzwe ukunda.

Bidusaba kumenya guhitamo ntutware byose ngo ugende wese niba ufite inshuti ukore nk'ibyo ikora, icyo wifuza, ndagana he? akazi? ndashaka gusubira mu ishuri? Ugomba kuba uzi icyo wifuza. Bigusaba kugenda ushakisha ibyiza ukabyiyegereza ibibi ukabisiga ku ruhande."

Yakomeje agaragaza ko guhitamo bisaba ko kugira ngo ugere ku kintu kizima, imyitwarire iba ingenzi kuko, ababyeyi baguha inama, sosiyete ikaguha uburere, ariko wowe ku giti cyawe, wiha intego, ingufu wowe ubwawe ukaziha ngo ugere ku cyo wifuza.

Kuba yari umunyafurika umwe gusa wigaga muri iyo kaminuza, yavuze ko byamuteye ingufu.

Ati: "Byanteraga ingufu, nari umunyafurika umwe, bigatuma nshaka gushyiramo imbaraga cyane nkirinda ko bazasuzugura undi Munyafurika uzahaza. Guhitamo iki ndagikora, iki sinkikora ni ukumenya guhitamo kuko na nyuma bikurikirana umuntu, nabwo bituma umuntu abasha guhitamo."

Madamu Mushikiwabo yashishikarije abana b'abakobwa (Inkubito y'Icyeza) gukomeza kurangwa n'ubunyarwanda kuko ari bwo buranga uwo uri we nyawe, bikanatuma abandi bakubaha.

Yavuze kandi ko muri iki gihe bishimishije kumva abantu bakubaza ngo uri Umunyarwanda, ubona bibateye amatsiko, kuba Umunyarwanda bifite agaciro, yabasabye gukomera ku bunyarwanda, tubukomereho, ibyo usiga ubisige kuko niyo ushatse kwitwara nk'abandi barabibona.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Umusaruro w'uburezi ntiwihishira*

*Kurera ni amahirwe atabonwa n'abantu bose ku Isi, ariko umuntu wese agira umurera neza cyangwa nabi, kuko uburezi ari imwe mu ngingo z'ubuzima zifite aho zihurira no kuvukira mu muryango no kuwukuriramo.*

*Nubwo ababyeyi ari bo ba mbere bafite inshingano z'ingenzi zo kurera umwana mu muryango, uburezi burarenga bugakora no kuri sosiyete, umuryango mugari n'Igihugu muri rusange.*

*Impamvu uburezi buhabwa imbaraga cyane ni uko ari wo musingi w'iterambere ryose umuntu ageraho kuko bumufasha kugira icyo amarira sosiyete aturukamo.*

*Ni bwo buha abantu ubumenyi n'ubuhanga bituma bagira uruhare rukwiriye mu mirimo bakora, mu guhanga ibishya bifasha umuryango mugari, ari na byo bitanga umusaruro ufatika ku iterambere ry'Igihugu.*

*Mu myaka 30 ishize u Rwanda, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe, abana benshi ntibari bagifite ababyeyi mu gihe n'abandi bari bakibafite bahuye n'ikibazo gikomeye cy'ubukene bwaturukaga ahanini ku kuba Igihugu cyasaga n'igihera kuri zeru.*

*Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho ingamba zo gufasha abana b'imfubyi n'abatishoboye barihirwa amashuri ari na ko babonerwa ibikoresho by'ishuri. Uyu munsi abenshi mu bafashijwe muri ibyo bihe ni bo bayoboye ibikorwa by'Iterambere mu gihugu, ni abayobozi mu nzego zitandukanye kandi bamwe muri bo bagiye basubira inyuma bamaze kubona amahirwe, bagaharanira ko barumuna babo cyangwa abana babo bagira uburezi bwiza.*

*Umwe muri iyo miryango yavutse ni Imbuto Foundation, wizihiza isabukuru y'imyaka 20 umaze ushinzwe by'umwihariko ufite intego yo kuzamura ubushobozi bw'umwana w'umukobwa.*

*Ni umuryango wavutse muri sosiyete ifite amateka yo kudaha agaciro uburezi bw'umwana w'umukobwa, ariko hamwe n'izindi mbaraga zagiye zishyirwa mu kwimakaza ihame ry'uburinganire mu nzego zose abana b'abakobwa b'abahanga bagiye babona amahirwe atangaje ku bwo kurihirwa n'uyu Muryango washinzwe na Madamu Jeannette Kagame.*

*Madamu Jeannette Kagame, yavuze ko uyu munsi bishimira kuba imbuto babibye mu guteza imbere ubushobozi bw'umwana w'umukobwa binyuze mu burezi zikomeje gutanga umusaruro ufatika mu muryango, mu mashuri, no ku iterambere ry'Igihugu.*

*Uyu munsi abana b'abakobwa babonye ayo mahirwe baragaragaza impano zabo nk'abaganga, abashinzwe umutekano, abayobozi mu nzego za Leta mu miryango mpuzamahanga no mu bikorera, aho bakomeje kuba intangarugero muri sosiyete.*

*Nk'uko byashimangiwe na Nelson Mandela, umwirabura wa mbere wayoboye Afurika y'Epfo, "uburezi ni yo ntwaro ikomeye ushobora gukoresha mu guhindura Isi."*

*Abahanga kandi bavuga ko kwiga bidahagarara, bivuze ko ntawe uburezi butareba kuko kwihugura bibyara ibisubizo byihuse ahantu bamwe bibwiraga ko bidashoboka.*

# Hamuritswe urubuga rushya rwishyurirwaho imisanzu y'Abakozi



**Umuyobozi Mukuru wa RSSB, Régis Rugemanshuro**

KAMALIZA Agnes

***Urwego rw'Igihugu rw'Ubwiteganyirize, (RSSB) rwamuritse urubuga rushya rwiswe 'Ishema' ruzafasha abakoresha kujya bishyuriraho imisanzu y'abakozi no kureba niba hari ibirarane bitarishyurwa, bikishyurwa bidasabye gukora ingendo.***

Urwo rubuga rwamuritswe kuri uyu wa Kane, tariki ya 22 Gucurasi 2025 rukaba rwemerera n'umukozi kwinjira muri sisiteme akareba ibirarane umukoresha we atamwishyuriye cyangwa n'ibindi yemererwa n'itegeko atahawe akaba yasaba ko byishyurwa.

Umuyobozi Mukuru wa RSSB, Régis Rugemanshuro yagaragaje ko urwo rubuga rwashyizweho hashingiwe ku mbogamizi z'abakoresha n'amakuru bahawe n'abafatanyabikorwa ndetse n'inama zabo.

Yagize ati: "Byinshi RSSB yakoze yabishingiye ku makuru n'abanyamuryango n'inama baduhaye."

Rugemanshuro yagaragaje ko kuba hamuritswe 'Ishema' bigaragaza imbaraga zashyizwe mu gukora n'umusaruro byabyaye.

Yashimiye abafatanyabikorwa bihanganiye inzira banyuragamo batanga imisanzu ariko abasaba ko bakomeza gukoresha urwo rubuga kugira ngo imikorere irusheho kunozwa.

Yagize ati: "Turashimira abafatanyabikorwa ko batwihanganiye inzira twaciyemo n'uburyo twabasaga ibyo mukora; ko mugomba gutanga imisanzu y'abakozi kandi mukabyihanganira ariko abashyize hamwe nta kibananira."

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, (MIFOTRA) yagaragaje ko urwo rubuga ruje gufasha kubahiriza itegeko ry'umurimo no gutuma uburenganzira bw'abakozi budahonyorwa.

Minisitiri wa MIFOTRA, Amb. Christine Nkulikiyinka yavuze ko 'Ishema' ari nk' Irembo ry'Umukoresha ushaka kwishyura umusanzu w'abakozi kuko hari bimwe byajyaga byishyurwa ibindi bigasigara.

Yagize ati: "Hari igihe abantu bageragezaga kwishyura bimwe ibindi ntibabyishyure. Ishema yo irafasha ku buryo iyo wiyemeje kujya muri iyo sisiteme ikorohereza uburyo wamenyekanisha iyo misanzu."

Ku bijyanye no kubahirizwa itegeko ry'umurimo yagize ati: "Ni ukuvuga ko rifasha gushyira mu bikorwa itegeko dufite ry'umurimo.

Mu Ugushyingo 2024, nibwo RSSB yatangaje ko guhera muri Mutarama 2025, igipimo cy'imisanzu y'ubwiteganyirize kizazamuka kikava kuri 6% cyari gisanzweho kikagera kuri 12%, agabanwa mu buryo bungana hagati y'umukozi n'umukoresha kandi iryo zamuka rizakomeza buhoro buhoro, mu 2030 kikazagera kuri 20%.

Hari hashize imyaka irenga 60 u Rwanda rudakora impinduka mu bijyanye n'ubwiteganyirize bw'izabukuru aho ubwashyizweho bwakoreshwaga ari ubwo 1962, aho igipimo cy'uburambe cyari imyaka 47 ariko 2022 igipimo cy'uburambe kikaba cyarageze ku myaka 69.

Ni mu gihe MIFOTRA igaragaza ko Abanyarwanda banagana na 90.3% bose bakora imirimo itanditse.

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR), yo muri Kamena 2024, igaragaza ko ibigo by'ubucuruzi mu Rwanda byinshi biri mu cyiciro cy'ibito cyane, kuko ibigera kuri 92.2% bikoresha hagati y'umukozi 1-3.

Igaragaza ko ibigo bito bikoresha abakozi bari hagati ya 4-30 ari 16 730, bingana na 6.4%, naho ibigo biciriritse bifite abakozi bari hagati ya 31- 100 ari 3 103 bingana na 1.2%, mu gihe ibigo by'ubucuruzi binini bifite abakozi barenga 100 byari 537 bingana na 0.2%.



Abanyarwanda bari barafashwe bugwate na FDLR bagera mu 1 798 bamaze kugaruka mu Rwanda

# Abanyarwanda 1 798 bari barafashwe bugate na FDLR bamaze kugera mu Rwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Icyiciro cya gatatu cy'Abanyarwanda 642 bari barafashwe bugwate n'Umutwe w'Iterabwoba wa FDLR bakabuzwa gutaha, bageze mu Rwanda banyuze ku mupaka munini uzwi nka La Corniche uhuza Repubulika Iharanira Demukarasi ya Congo, RDC n'u Rwanda, ku geza ubu abagera ku 1 798 bakaba ari bob amaze kugera mu Rwanda.***

Igikorwa cyo kwakira aba Banyarwanda cyabereye ku mupaka w'u Rwanda na RDC ku gicamunsi cyo ku wa Kane tariki 22 Gicurasi 2025.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu bwatangaje ko abatashye bose hamwe ari 642 babarirwa mu miryango 232.

Umubare munini w'abageze mu Rwanda ni abagore n'abana. Bavuga ko abo bashakanye ndetse n'abasore bari mu mutwe wa FDLR ugizwe n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Abageze mu Rwanda barasakwa nyuma bagashyikirizwa bisi zibageza mu nkambi ya Nyarushishi mu Karere ka Rusizi n'iya Kijote yo mu Karere ka Nyabihu mu Ntara y'Iburengerazuba.

Iyo bagejejwe muri izo nkambi bahabwa ibyibanze bibafasha mu buzima bwabo, nyuma y'ibyumweru bibiri bakazafashwa gusubira aho bakomoka nkuko biherutse gutangazwa na Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA).

Kugeza ubu mu Rwanda hamaze kugera Abanyarwanda 1 798 bavuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo aho bari barafashwe bugwate n'Umutwe wa FDLR.

Ubuyobozi bwa AFC/M23 buherutse gutangaza ko Abanyarwanda 2 500 ari bo bazoherezwa mu Rwanda nyuma yo kubakura aho bari barafatiwe bugwate.

Ni igikorwa kizagirwamo uruhare n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi, UNHCR.

# Abanyeshuri bo muri Qatar banyuzwe no kwigira ku Rwanda


Abanyeshuri bo muri kaminuza yo muri Qatar bashimye amasomo bigiye ku Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abanyeshuri 12 baturutse muri Kaminuza ya Georgetown yo muri Qatar (GU-Q) banyuzwe n'ibyo bungukiye mu rugendoshuri rw'icyumweru bagiriye mu Rwanda rugamije kwigira ku mateka y'u Rwanda n'imiyoborere yarwo.***

Ni amasomo bateguriwe yo hanze y'ishuri agize isomo ryimbitse ku Miyoborere na Sosiyete y'u Rwanda hagati y'ikinyejana cya 16 n'icya 21 bigishwa n'impuguke mu mateka y'Afurika Mwarimu wungirije Dr. Phoebe Musandu.

Bavuga ko uru rugendoshuri rw'icyumweru bakoreye mu Rwanda rutazibagirana kuri bo kuko rwabashije kubafasha guhuza ubumenyi bungukiye mu ishuri n'ubuzima bwo ku kibuga.

Bafize amahirwe yo kwiga byinshi ku mateka ya mbere y'ubukoloni y'uko ubwami bwayoboraga, bagaruka ku bukoloni na nyuma yabwo kugeza uyu munsi.

Abo banyeshuri binjiye cyane mu mateka yijimye y'u Rwanda ndetse no ku iterambere igihugu kiriho uyu munsi, bahuza amateka n'ukuri guhari uyu munsi.

Mu ruzinduko rwabo, baganiriye imbonankubone n'abayobozi b'ibigo bitandukanye, abayobozi muri Guverinoma n'abaturage babasobanuriye amakuru ku iterambere ry'amateka, umurage w'umuco n'impinduka zikomeje kugaragara mu iterambere.

Nafisa Sagdullaeva, umwe muri abo banyeshuri, yagize ati: "Kwigira ku hahise h'u Rwanda byari ingirakamaro cyane, kuko amateka yumvikana ukundi iyo uyabwirwa n'abayabayemo, atari ukuyiga gusa."

Yakomeje avuga ko icyo atazibagirwa ari uburyo abantu bavugana ukuri kwinshi amateka yabo, ariko bakanaharanira ahazaza habo bifitiye icyizere.

Ati: "Imbaraga, umucyo n'urukundo bigaragarira mu buryo u Rwanda rwiyubatse byanyigishije byinshi ku kwihangana, ubuyobozi n'imbaraga iri mu guhitamo kunga ubumwe buri munsi."

Mu byari bigize urwo rugendoshuri harimo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Kaminuza y'u Rwanda n'ibindi birari by'amateka n'umuco.

Iryo tsinda ryanasuye n'uduce nyaburanga nka Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, Pariki y'Igihugu y'Akagera, Ingoro Ndangamurage ndetse no mu Rukari i Nyanza.

Mwarimu wungirije Musandu, yagize ati: "Amateka y'u Rwanda atanga amasomo menshi kuri twese."

Iri tsinda ry'abanyeshuri ryanyuzwe n'uburyo Abanyarwanda bakomeje gukora ubudahwema baharanira kurenga amacakubiri n'inzangano byagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Biboneye ko urugendo rw'iterambere rwajyanye no komorana ibikomere, kubaka Igihugu cy'abantu bareshya kandi bakagiteza imbere ntawusigaye inyuma, ndetse no guharanira u Rwanda buri wese yibinamo kandi afite ubushake bwo kurinda no kurwubaka.

Iryo somo ryo hanze y'ishuri ndetse n'ingendo zose bakoze byafashije abanyeshuri biga ibya Politiki Mpuzamahanga kurushaho gusobanukirwa n'amateka y'ibinyejana bitandatu y'u Rwanda.

Abo banyeshuri baboneyeho gushimira Guverinoma y'u Rwanda, Ambasade y'u Rwanda muri Qatar ndetse n'abandi bose bitanze ngo uru rugendoshuri rushoboke.





# Gushyira mu ikoranabuhanga inyandiko z'Inkiko Gacaca bizarangira mu 2026

**ZIGAMA Theoneste**

***U Rwanda rugeze mu cyiciro cya nyuma cyo gushyira mu ikoranabuhanga no kubika neza inyandiko z'Inkiko Gacaca, zagize uruhare rukomeye mu kubanisha Abanyarwanda no gukemura ibibazo byaturutse kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***



Inyandiko z'Inkiko Gacaca zirimo kubikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga

Iyi gahunda yo gushyira mu ikoranabuhanga no kubungabunga inyandiko z'Inkiko Gacaca yatangijwe mu mwaka wa 2015, ikaba iteganyijwe kurangira mu mwaka wa 2026, aho izatwara miliyari 5.7 z'amafaranga y'u Rwanda.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène, yabigarutseho ubwo aheruka kugeza ku Badepite bagize Komisiyo ishinzwe Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta, aho iyi gahunda igeze.

Yagize ati: "Kugeza ubu, hamaze gukoreshwa miliyari 4.6 z'amafaranga y'u Rwanda kuva gahunda yatangira. Mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2024/2025 hateganyijwe miliyoni 435 Frw, muri zo miliyoni 339 Frw zingana na 78% zimaze gukoreshwa."

Inkiko Gacaca zatangijwe mu ntangiriro z'umwaka wa 2002 kugira ngo ziburanishe imanza nyinshi z'abari bakurikiranyweho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Minisitiri Dr. Bizimana yemeje ko inyandiko za Gacaca ziri mu mutekano.

Yagize ati: "Inyandiko zose za Gacaca zirabitswe neza kandi zirinzwe kwangirika. Turimo no gukora uburyo bw'ikoranabuhanga buzafasha abantu kuzisura no kuzibona ku buryo bworoshye."

**Imirimo y'Inkiko Gacaca yararangiye**

Ku itariki ya 18 Kamena 2012, ni bwo ku rwego rw'igihugu imirimo Inkiko Gacaca zishingiye ku muco nyarwanda wo hambere wo gukemura ibibazo binyuze mu muryango yasojwe ku mugaragaro.

Izi nkiko byagaragaye ko zakemuye byinshi mu bibazo bikomoka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ubwo Inkiko Gacaca zasozwaga ku mugaragaro, Mukantaganzwa Domitilla wari uzikuriye yatangaje ko imanza zose zitarangiye bitewe n'impamvu zirimo ko bamwe mu bakekwagaho ibyaha batagiye baboneka.

Mukantaganzwa yagaragaje ko nta mpungenge ku manza zizaboneka nyuma, kuko zizashyikirizwa izindi nkiko.

Gacaca zarangije imirimo yazo ziburanishije imanza zisaga miliyoni n'ibihumbi 900.

Abantu miliyoni n'ibihumbi 600 ni bo bahamijwe ibyaha n'Inkiko Gacaca, naho ibihumbi 270 zibagira abere.

# Musoni Protais yongeye gutorerwa kuyobora PAM-Rwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Abanyamuryango basaga 300 b'Umuryango uharanira Ubwigenge, Agaciro na Kwigira kwa Afurika ishami ry'u Rwanda, PAM-Rwanda, bongeye kugirira icyizere Musoni Protais ngo yongere kuyobora uyu muryango mu myaka Itatu iri imbere.***

Ni amatora yabereye mu Ngoro Ishinga Amategeko ku Kimihurura ku Cyumweru tariki 25 Gicurasi, mu Nteko rusange yahuje abanyamuryango ba PAM-Rwanda ku rwego rw'igihugu.

Inteko rusange yatoye Chairman PAM-Rwanda, Musoni Protais, ku majwi 100%.


Chairman Musoni Protais, Nyiragwaneza Athanasie na Twagirimana Epimaque batorewe guhagararira Panafricanism ishami ry'u Rwanda

Yungirijwe na Twagirimana Epimaque watowe n'amajwi 336 mu gihe Nyiragwaneza Athanasie yatowe n'amajwi 324 ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru wa PAM-Rwanda.

Epimaque Twagirimana, yari asanzwe ari Umuyobozi Wungirije w'Umuryango Panafrican Movement ishami ryo mu Rwanda.

Musoni Protais, yavuze ko urugamba rutazaba rurerure mbere ya 2063 kandi ko rutazahinyuza intwari.

Yavuze ko kudacika intege bijyana no kuzirikana intege nkeya ziba zaragaragaye ku banyafurika bityo bakazishakira ibisubizo.

Chairman Musoni akomeza agira ati: "Ntituzaba wa munyafurika dushaka, tutabanje kuba Umunyarwanda ukwiye.

Dukwiye kwirinda ingeso twagiye dushyirwamo n'ubukoloni, gukoresha amafaranga mu itangazamakuru n'ibindi byinshi bakoresha."

Mu ijambo rye, yavuze ko Afurika itangiye guhinduka kandi ko bishobora kudutungura kuko birimo guhera mu bihugu by'Afurika y'Iburengerazuba.

Nyiragwaneza watowe ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru wa PAM-Rwanda, yijeje ko azakorana neza n'abandi anashimira abanyamuryango bamugiriye icyizere.

Agira ati: "Intego za PAM nzifata nk'imbuto nziza kandi buri wese akwiye kugira imbaraga mu kuzuhira ku buryo zikura neza ariko no guharanira bwa bumwe bwacu by'umwihariko nk'Abanyarwanda."

Imyaka 62 irashize Afurika isa nibonye ubwigenge, mu gihe uyu mugabane ukibarizwamo intugunda za hato na hato, inzara mu bice bitandukanue byayo n'ibindi bibazo by'urudaca birimo n'intambara.

# Intekerezo y'Ubunyafurika ifite ubushobozi bwo kugena ahazaza ha Afurika- Dr Kalinda

**NYIRANEZA Judith**

***Perezida wa Sena Dr Francois Xavier yavuze ko intekerezo y'ubunyafurika (panafricanisme) ifite ubushobozi bwo kugena ahaza ha Afurika yifuzwa.***



Perezida wa Sena Dr Francois Xavier Kalinda

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 23 Gicurasi mu biganiro byahuje abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, no kurebera hamwe uruhare rw'abagize Inteko Zishinga Amategeko zo muri Afurika mu guteza imbere Abanyafurika, hategurwa kwizihiza umunsi wo kwibohora k'Umugabane wa Afurika ku nshuro ya 62.

Perezida wa Sena Dr Kalinda yagize ati: "Intekerezo y'ubunyafurika itwibutsa ko dufite ubushobozi bwo guhitamo uko imbere ha Afurika hazamera, duhereye ku guhindura imyumvire yo kitigirira icyizere no gutegereza ko ibibazo byacu bizakemurwa n'abandi."

Yakomeje asobanura ko Abanyafurika bakwiye guhindura imyumvire bakarenga ibisigisigi by'ubukoloni.

Ati: "Abanyafurika ntiturareka kwireba mu ndorerwamo z'ubukoloni n'ibindi bisigisigi by'imipaka, cyangwa ibindi byiciro n'imyumvire twashyizwemo n'abandi batari Abanyafurika."



Kugira ngo Afurika yigenge bya nyabyo bisaba Abanyafurika gushyira hamwe

Yibukije abitabiriye ibiganiro ko bafite inshingano yo guteza imbere imyumvire myiza mu baturage ndetse bakwiye no kurenga ku ishusho bafatamo Afurika kuko bafite ibyo guheraho.

Ati: "Igihe Afurika yataye ni kinini kubera imyumvire yo kureka ko abandi badufasha cyangwa se badutekerereza."

Hon Tito Rutaremara Umuyobozi w'Urwego Ngishwanama rw'Inararibonye ashimangira ko kwiyambura umwambaro w'ubukoloni bikwiye guhera mu burezi ababyeyi baha abana, asobanura ko porogaramu y'u Rwanda itatuma umwana atagira ubumenyi bwatuma yakwiga no mu mahanga.

Ati: "Wajya kumva ukumva ngo abana bacu barakora Combridge, ni akajyi gato ko mu Bwongereza habayo kaminuza, uwo muntu ko afite amafaranga, yazanye umwarimu mwiza akigisha uwo mwana we porogaramu y'u Rwanda, kandi yize porogaramu y'u Rwanda akayumva neza ntibyazamubuza kujya muri Amerika n'ahandi."

Hon Tito yatanze urugero rw'ababyeyi bataba icyitegererezo ku bana mu kuvuga ururimi kavukire rw'ikinyarwanda.

Ati: "Ntibizabatangaze yuko uzakubitira umwana wawe kuvuga Icyongereza, Ikinyarwanda atakizi. [….] ukagenda muri Kigali ukumva abana mu nzira baravuga mu cyongereza bakabwira na ba se na ba nyina bababwira mu cyongereza."

Kugira ngo Panafricanisme igerweho bisaba ko Abanyafurika ubwabo bashyiramo imbaraga nk'uko byagarutsweho na Hon. Alodie Iradukunda uhagarariye u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA).

Yagaragaje ko hakiri ibibangamiye urubyiruko mu kubona amakuru.

Ati: "Haracyari ibibangamiye urubyiruko nk'ikiguzi cy'itumanaho (intenet) bituma urubyiruko ritabona amakuru.'

Yagarutse ku kuba guhuza imbaraga byaba igisubizo.

Ati: "Urugero tumaze iminsi twumva ubwenge muntu buhangano (AI), ariko buriya bisaba byinshi, u Rwanda hari ahO tugeze mu bikorwa remezo, bisaba ubushobozi bwinshi, aho kubikora nk'u Rwanda gusa kuki tutabikora nk'Umuryango w'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba EAC."

Byanashimangiwe na Ambasaderi wihariye ushinzwe Akarere k'Ibiyaga Bigari, Amb Karega Vincent uvuga Afurika itaragera ku rwego rwo kumva agaciro ko kunga ubumwe, agasanga Panafricanisme yagombye guhabwa izindi mbaraga.

Ati: "Nubwo tuvuga ngo Afurika iribohora, Afurika irishimira ko yabonye gaze, ko yabonye peteroli, ko yabonye amabuye, ariko ni hake twishimira ko ya mabuye yabyajwe agaciro kugeza ku ndunduro tukazamura ubukungu."

Akomeza asobanura ko Umuryango wa Afurika Yunze ubumwe ugifite byinshi byo gukora nubwo hari intambwe yatewe,

Ati: "Hari byinshi Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe ukora, ariko igiteye impungenge n'agahinda ni uko hakiri ahari imiyoborere irangwa n'amacakubiri ashingiye ku moko, mu gihe abandi batekereza kuri AI, n'ibindi, gahunda ya Panafricanisme yagombye guhabwa izindi mbaraga."

Umunsi wo kwibohora k'Umugabane wa Afurika wizihizwa ku itariki ya 25 Gicurasi, uyu mwaka uzaba wizihijwe ku nshuro 62 ishize Afurika ibonye ubwigenge.





# Sobanukirwa ingamba u Rwanda rwafashe zo kwigisha inzobere mu bumenyi bwa nikeleyeri

**ZIGAMA Theoneste**

***Kaminuza y'u Rwanda (UR) igiye gutangiza icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu bijyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga bya nikeleyeri, mu rwego rwo gushyigikira gahunda y'igihugu yo gukoresha ingufu zayo mu iterambere.***



Kaminuza y'u Rwanda mu rugendo rwo gushyigikira gahunda y'Igihugu yo gukoresha ingufu za nikeleyeri

Aya masomo azatangirwa ku Ishuri ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rya UR riherereye i Kigali mu Karere ka Nyarugenge, agamije gutegura abahanga bazakenerwa mu guteza imbere urwego rwa nikeleyeri.

Muri iyo gahunda igihugu cyizeyeho gukuba inshuro icumi ingano y'amashanyarazi gifite bitarenze hagati mu myaka ya 2030, hagamijwe guteza imbere inganda n'imitangire ya serivisi.

Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bo mu gihugu no hanze, kikaba kigeze kure kuko kimaze kunyura mu nzego zose za kaminuza zigena ireme ry'imyigishirize, ubu kikaba kiri mu maboko y'Inama y'Igihugu ishinzwe Amashuri Makuru (HEC), kugira ngo gihabwe uburenganzira bwo gutangira.

Bimwe mu byo umuntu akwiye kumenya kuri gahunda nshya ya UR, harimo ko icyo abazayirangiza bazaba bashoboye gukora .

Nk'uko bitangazwa na Prof. Ignace Gatare, Umuyobozi w'Ishuri ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, iyi porogaramu, cyane cyane mu myaka ibiri ya nyuma, izaha abanyeshuri ubumenyi rusange mu bumenyi bw'ibanze ndetse n'ubumenyi bwihariye ku ikoranabuhanga rya nikeleyeri.

Abazayirangiza bazaba bafite ubumenyi bwo gusobanukirwa uko ikoranabuhanga rya nikeleyeri rikora, cyane cyane mu ikoreshwa ryaryo mu gutanga ingufu (amashanyarazi), ndetse n'uburyo bwo kurikoresha mu buryo butekanye.

Yagize ati: "Ubumenyi bwa nikeleyeri bufite uruhare rukomeye ku mutekano wo kurinda ingaruka zishobora guterwa n'iri koranabuhanga."

Yakomeje avuga ko nyuma yo kurangiza iyo porogaramu, abanyeshuri bazaba bafite umusingi ukomeye ushobora kubafasha gukomeza kwihugura no kujya mu nzego zitandukanye z'akazi.

Urugero, bamwe bashobora kwihugura no kwihugurira mu buvuzi bwa nikeleyeri (nuclear medicine), abandi bakajya mu rwego rw'ingufu aho bashobora gukora mu nganda zitanga amashanyarazi akomoka kuri nikeleyeri, n'ibindi.

U Rwanda kandi rufite gahunda yo gushyiraho ikigo cy'ubushakashatsi kuri nikeleyeri, bityo abanyeshuri bize iyi porogaramu bashobora kuzaba mu batekinisiye bazagikoreramo.

Ku kijyanye n'umubare w'abanyeshuri porogaramu izakira, nk'uko Ishuri ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rya UR ribitangaza, muri rusange porogaramu z'ubwubatsi n'ubumenyi (engineering and science) zakira abanyeshuri 25 muri buri cyiciro cy'abazitangiramo.

Ibi bivuze ko buri mwaka, iyi porogaramu izajya yakira abanyeshuri 25. Kubera ko ari porogaramu y'imyaka ine, Kaminuza y'u Rwanda yiteze ko nyuma y'imyaka ine izaba ifite impuguke za mbere mu bumenyi bwa nikeleyeri zize imbere mu gihugu.

Uwakwibaza niba u Rwanda rufite abarimu bahagije bashobora kwigisha iby'ikoranabuhanga rya nikeleyeri, Prof. Gatare avuga ko ubu UR ifite abarimu bashoboye kwigisha ibyiciro bibiri bya mbere by'iyi porogaramu, ahigishwa ubumenyi rusange nk'amasomo y'ubugenge n'ubwubatsi rusange.

Ariko kandi, nk'uko bisobanurwa, hari gahunda ihamye yo kuzana abarimu b'inzobere mu by'ikoranabuhanga rya nikeleyeri mu gihe porogaramu izaba igeze mu byiciro byayo bya nyuma, aho hazibandwa cyane ku ngufu za nikeleyeri.

Kaminuza inafite abarimu basanzwe bafite ubuhanga mu bindi byiciro bifitanye isano n'ubumenyi bwa nikeleyeri n'ikoranabuhanga ryayo.

Yagize ati: "Turimo gutanga amahugurwa agamije kongerera abarimu ubushobozi n'ubumenyi mu bijyanye na nikeleyeri."

Yongeyeho ko hari Abanyarwanda bari hanze y'igihugu bari kwiga mu mashuri makuru, kandi bazaba umusanzu ukomeye muri iyi porogaramu nyuma yo kurangiza amasomo yabo.

Bamwe muri bo bari hafi kurangiza icyiciro cya kabiri cya kaminuza (Master's), mu gihe abandi bari gukorera impamyabumenyi zihanitse (PhD), kandi bazafasha cyane cyane mu byiciro byisumbuye byo kwigisha.

Ibijyanye n'abafatanyabikorwa bari gufatanya na UR mu gutegura iyi porogaramu, u Rwanda ni umunyamuryango w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe ingufu za nikeleyeri (International Atomic Energy Agency – IAEA), Prof. Gatare avuga ko iri shami ryashyigikiye iyi porogaramu ritanga ibikoresho by'ibanze ndetse n'amahugurwa magufi ku bakozi ba UR.

U Burusiya na bwo buri mu bafatanyabikorwa bashyigikiye iyi porogaramu.

Prof. Gatare avuga ko binyuze muri IAEA, u Rwanda rushobora kwihuza n'ibindi bihugu byiteguye gufasha UR mu mahugurwa no kongerera abakozi bayo ubushobozi.

Mu bafatanyabikorwa bo mu gihugu imbere, UR ikorana n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu za Nikleyeri (Rwanda Atomic Energy Board – RAEB), Prof. Gatare avuga ko ari urwego rukomeye cyane kuko igihugu gikomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere urwego rwa nikeleyeri.

Nubwo ibihugu byinshi bya Afurika bifite intego nk'iy'u Rwanda yo gukoresha ingufu za nikeleyeri, kugeza ubu porogaramu nk'iyi ntiziramenyekana cyane muri ibyo bihugu.

Ibyo bituma abayobozi ba UR babona ko iyi porogaramu ishobora kuzakurura abanyeshuri b'abanyamahanga, cyane cyane mu gihe izaba imaze kwemezwa no kugera ku rwego rwo hejuru mu ireme ry'uburezi.

# Kigali: Abasaga 10 000 basanzwemo malariya mu kwezi kumwe

**KAMALIZA Agnes**

***kigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) cyatangaje ko mu gihe cy'iminsi 30 mu Mujyi wa Kogali hagaragaye abarwayi ba malariya basaga 10 000 mu bipimo byafashwe ku rwego rw'Umudugudu.***

Ubuyobozi bwa RBC butangaza ko abasanzwemo malariya bapimwe hagati y'itariki 21 Mata 2025 na 18 Gicurasi 2025 mu miryango igizwe n'abaturage basaga 50 000.

Ubwo buryo bushya bwo gusuzuma no kuvura malariya abagize umuryago buje nyuma y'uko ubushakashatsi bwa RBC bwagaragaje ko malariya yongeye kubura umutwe kandi izahaza abantu mu bice bitandukanye by'Igihugu.

Mu Mirenge 15 yo muri Kigali, RBC igaragaza ko abapimwe ari 34,963 bangana na 70%, ariko 30% ni ukuvuga abantu 10,339 muri bo basanzwemo malariya, mu gihe imibare igaragaza ko abarwayi fatizo ba malariya ari 14,787 mu bantu 50,147 bagize imiryango.

Imibare yo muri Gashyantare 2025, igaragaza ko Umujyi wa Kigali uri ku isonga mu kugarizwa na malariya aho Akarere ka Gasabo kabanzaga n'abarwayi 15 409, Kicukiro igakurikiraho n'abarwayi 10 473, aka Nyarugenge kakaza ku mwanya wa gatanu mu gihugu n'abarwayi 5,161.

RBC iherutse gutangaza ko bitewe n'ubwiyongere bw'agakoko gatera malariya, umuntu uzajya uyisangwamo mu muryango, hazajya hapimwa n'abandi bose abasanzwe barwaye bagahabwa imiti.

Ku ikubitiro hakaba harabanje Umujyi wa Kigali ari nawo wugarijwe cyane aho gusuzuma no kuvura abantu bikorerwa mu Mudugudu n'Abajyanama b'Ubuzima.

Umukozi wa RBC mu ishami rishinzwe kurwanya malariya, Habanabakize Epaphrodite, aherutse kuvuga ko umubu ushobora gukwirakwiza agakoko ka malariya mu muryango wose ariko hakabonekamo umwe urwaye mu gihe abandi iba itaragaragara.

Yagize ati: "Byashobokaga ko iwawe n'abo mubana mu nzu bashobora kuba bafite udukoko twa malariya ariko bataragira ibimenyetso, ubu rero gahunda ihari ni uko dushaka ko niba Umujyanama w'Ubuzima cyangwa muganga agusanzemo malariya habaho uburyo bwo kujya gupima ba bantu mubana mu nzu bose abo basanze bafite agakoko ka malariya ariko badafite ibimenyetso na bo bagahita bavurwa bagahabwa imiti."

Umuyobozi Mukuru wa RBC Prof. Claude M. Muvunyi, yongeye kwibutsa Abanyarwanda ko buri wese afite uruhare mu guhashya malariya.

Yagize ati: "Gushakisha no kuvura hakiri kare ni ingenzi mu kurandura Malariya burundu. Kurandura malariya bihera kuri njye."

Ubuyobozi bwa RBC buhamya ko mu 2024 abarwayi ba malariya biyongereyeho ibihumbi 200 ugereranyije n'umwaka wa 2023, aho bavuye ku bihumbi 600 bagera ku bihumbi 800.

Ariko bihe byashize, iyo ndwara yagiye igabanyuka kuko mu mwaka wa 2016/17 hagaragaye abarwayi miliyoni 5, barimo abarwaye iy'igikatu ibihumbi 18, ndetse n'abahitanwe nayo 300.



Umuryango uzajya ubonekamo urwaye malariya abawugize bandi bazajya bapimwa urwaye ahabwe imiti



Imiryango Mpuzamahanga irasabwa kubahiriza amategeko mpuzamahanga agamije gukumira no guhana icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# MINUBUMWE yasabye amahanga gukumira no guhana icyaha cya Jenoside

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, MINUBUMWE, Dr Jean Damascene Bizimana yasabye amahanga kubahiriza inshingano zayo mu kubahiriza amategeko mpuzamahanga agamije gukumira no guhana icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Byagarutsweho na Ingabire Veneranda, Umuyobozi ukuriye Ishami ryo kwibuka no kurwanya Jenoside muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, ku wa Gatanu tariki 23 Gicurasi 2025.

Ni mu kiganiro Ingabire yagejeje ku bayobozi n'abakozi ba Ambasade ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda, aho bahuriye mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu butumwa yabahaye, yagarutse ku budaheranwa bw'u Rwanda ndetse n'ibibazo by'ingengabitekerezo ikomeje kugaragara mu Karere.

Ni ho yahereye avuga ko nka MINUBUMWE isaba amahanga kubahiriza inshingano zabo mu mategeko mpuzamahanga.

Yagize ati: "Turahamagarira Umuryango Mpuzamahanga kubahiriza inshingano zawo zo kubahiriza amategeko mpuzamahanga; gukumira, guhana ibyaha bya Jenoside, gushyikiriza ubutabera abakekwaho Jenoside ndetse no guhangana n'abahakana bakanagoreka amateka ya Jenoside mu buryo bwose."

Ingabire, Umuyobozi ukuriye Ishami ryo kwibuka no kurwanya Jenoside muri MINUBUMWE, ashimangira ko mu gihe u Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara mu kubaka igihugu no kwimakaza ubumwe bw'igihugu ku rundi ruhande hari impungenge z'ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje gukwirakwira.

Yavuze ko abayifite bayikwirakwiza binyuze ku mbuga nkoranyambaga aho badatinya no gukoresha amagambo y'inzangano kandi ngo ibyo binagaragara no mu Karere u Rwanda ruherereyemo.





# Amanota azajya atangazwa ku ijana, si mu byiciro- NESA

**KAYITARE Jean Paul**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, NESA, cyatangaje ko hagiye kujya hatangazwa amanota y'ibizamini bya Leta ku ijana (%) kugira ngo hamenyekane impamvu ituma abana boherezwa mu mashuri atandukanye.***

Byagarutsweho ku Cyumweru tariki 25 Gicurasi 2025, mu kiganiro cyagarukaga kuri gahunda 'Nzamurabushobozi n'imyiteguro y'ibizamini bya Leta' cyatambutse kuri RBA.



Amanota y'abanyeshuri azajya atangwa ku ijana

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bernard Bahati, yavuze ko umukandida utagize inota fatizo mu bizamini bya Leta, aba afite amahirwe yo gusubira ku ishuri, kwiyandikisha nk'abakandida bigenga cyangwa bakiyigisha ubwabo bakazajya gukora ikizamini cya Leta.

Akomeza agira ati: "Ubu amanota azajya atangazwa ku ijana, si mu byiciro, kugira ngo hamenyekane impamvu abana bafite amanota atandukanye, bashyirwa mu mashuri atandukanye."

Ubuyobozi bwa NESA buvuga ko atari buri mwana ubona ishuri yasabye kuko ngo imyanya iba mike ugereranyije n'abasaba amashuri akunzwe.

Ati: "Urugero, ishuri rifite imyanya 120 rishobora gusabwa n'abanyeshuri barenga 1 000."

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bahati, avuga ko amasomo yose ari ingenzi, ariko ko atanganya uburemere. Yasobanuye ko umunyeshuri watsinzwe amasomo y'ingenzi, adashobora kuzamurwa nuko yatsinze amasomo y'inyongera.

Umuyobozi Mukuru wa NESA, yasabye ababyeyi kuba hafi y'abana babo mu myigire yabo, cyane cyane abitegura ibizamini bya Leta.

Yagize ati: "Abana bakwiye kwitegura neza ibizamini bya Leta no kwirinda igihunga. Ni isuzuma nk'ayandi basanzwe bakora."

Akomeza avuga ko umubare w'abana bakora ibizamini bya Leta wiyongereye ugereranyije n'umwaka ushize.

Ibi ngo biterwa no kuba abana bata ishuri baragabanyutse, ikindi kandi ngo na Porogaramu yo kurira ku ishuri 'School Feeding' yagize uruhare runini mu kongera uwo mubare.

Abazakora ibizamini bya Leta bisoza icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye uyu mwaka barenga ibihumbi 101.

Muri abo, abagera ku 66 958 barimo gukora ibizamini ngiro bangana na 66.25% by'abazakora ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye bose.

Abiga ubuforomo bari gukora ibyo ibizamini ngiro ni 459, mu masomo y'imyuga n'ubumenyi ngiro ni 36 267, mu burezi ni 3 829, mu ibaruramari ni 3 892 naho abo mu masomo ya siyansi ni 22 530.

Ni mu gihe abanyeshuri bazakora ibizamini bisoza ibyiciro bitandukanye by'amashuri bose hamwe bamaze kwiyandikisha ari ibihumbi 471.

# Ubucuruzi bw'u Rwanda n'u Bushinwa bwikubye kabiri

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Hagati y'umwaka wa 2021 n'uwa 2024, ubucuruzi bukorwa hagati y'u Rwanda n'u Bushinwa bwikubye inshuro zirenga ebyiri, buva kuri miliyoni 742 bugera kuri miliyari 1 na miliyoni 760 z'amadolari y'Amerika, mu bwiyongere bwa 137%.***

Imibare igaragaza ko agaciro k'ibicuruzwa u Rwanda rwohereje mu Bushinwa kazamutse ku kigero cya 575% aho kavuye kuri miliyoni 16 z'amadolari y'Amerika kagera kuri miliyoni 108 z'amadolari.

Nanone kandi, ibyo u Rwanda rutumiza mu Bushinwa byiyongereye ku kigero cya 75% igiciro cyabyo kiva kuri miliyari 1,4 kigera kuri miliyari 2,5 z'amadolari ya Amerika, ari na byo bishimangira uburyo u Bushinwa bukomeje kuba umufatanyabikorwa mwiza mu bucuruzi.



Ubucuruzi hagati y'u Rwanda n'u Bushina bukomeje kuzamuka

U Bushinwa bwabimburiye ibihugu bifite ishoramari ry'amahanga ryinshi mu Rwanda, ahamaze gushorwa miliyoni zisaga 300 z'amadolari y'Amerika hanahangwa imirimo ihoraho 18 000.

Iyo mibare yagaragajwe n'uhagarariye inyungu z'u Bushinwa mu Rwanda by'agateganyo Lin Hang, ari kumwe n'Umuyobozi muri Ambasade y'u Bushinwa mu Rwanda Zhang Xiaohong ndetse n'Umujyanama Gao Zhiqiang, mu cyumweru gishize.

Nk'uko bishimangirwa n'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), hagati y'umwaka wa 2021 na 2024 u Bushinwa bwashoye miliyoni 260 z'amadolari ya Amerika yiyongera ku yashowe n'u Buhinde buza ku mwanya wa kabiri.

Ibiro by'ishoramari bituruka mu Bushinwa kuri ubu bigaragara mu nzego zinyuranye zirimo ubuhinzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, uburezi, imyubakire n'ikoranabuhanga rigezweho ari na byo bishimangira uburyo Abashinwa bashyize imbere iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu.

Hazamo kandi inzego z'ubuzima, itangazamakuru, ibiribwa, na serivisi zo kudandaza no kuranguza Guverinoma y'u Bushinwa ibonamo imikoranire irambye.

Xiaohong yasobanuye ko ubucuruzi bw'u Rwanda n'u Bushinwa bwazamutse ku muvuduko wo hejuru ugereranyije n'impuzandengo yo ku rwego mpuzamahanga.

Yashimangiye ko iryo zamuka rigera ku 137% ryashingiye ku butwererane mu by'ubukungu burushaho kwiyongera hagati y'ibihugu byombi by'umwihariko ibyoherezwa mu Bushinwa bikaba byariyongereye mu buryo budasanzwe.

Ati: "Dushingiye ku bihamya n'imibare, dushobora guhamya ko ubufatanye bwacu atari ikimenyetso gusa ahubwo bufatika kandi bwaguka kuko mu 2024 honyine ibyoherejwe mu Bushinwa byiyongereye ku kigero cya 29,5, bigaragaza ko ubufatanye bugikomeye."

Yakomeje agira ati: "Nshingiye ku byo nzi, ibigo by'Abashinwa mu Rwanda byagejeje ku ishoramari rya miliyoni 300 z'amadolari ya Amerika ryahanze imirimo isaga 18 000."

Yasobanuye ko u Bushinwa bufite imishinga y'ishoramari yiyongera mu Rwanda kurusha ibindi bihugu.

# Abavumvu banyuzwe no kuba hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'inzuki



Abagore bo muri Rutsiro bibumbiye mu matsinda y'ubworozi bw'inzuki

**NYIRANEZA Judith**

***Umunsi mpuzamahanga w'inzuki wizihijwe bwa mbere mu Rwanda kuri uyu wa Kabiri tariki ya 20 Gicurasi 2025, wizihirijwe mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Kigeyo ukora kuri Pariki y'Igihugu ya Gishwati-Mukura, akaba ari igikorwa cyishimiwe n'abavumvu.***

Ubusanzwe ubuvumvu ni umwuga umenyerewe ku bantu b'igitsina gabo, ariko kuri ubu abagore ndetse n'urubyiruko bakora ubuvumvu kandi baka-bushobora.

Tuyizere Jeanne umuvumvu ukorera mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Kayenzi wikorera, yavuze ko binejeje kuba nabo bahawe umunsi wizihizwaho inzuki bituo bamenyekana kandi bibahaye imbaraga.

Ati: "Umunsi Mpuzamahanga w'inzuki, ni umunsi wizihirijwe mu Karere ka Rutsiro, wizihijwe bwa bwa mbere, icya mbere bihereje imbaraga abavumvu kuko biduhesheje agaciro, bigaragaje ko ibikorwa dukora bihawe izindi mbaraga [....] Urubyiruko ruramenyeraho ko ari umwuga ubateza imbere n'Igihugu muri rusange biga-fasha no kurinda ibidukikije."

Yakomeje asobanura ko ubuvumvu ari umwuga umuntu akora akanakora n'ib-indi, anakangurira urubyiruko kuwitabira.

Ati: "Ubuvumvu ni akazi ukora ubifatanyije n'ibindi, si akazi uhoramo buri munsi bigendana n'ibihe by'ihinga n'isarura, ni ibintu byagutunga n'urundi rubyiruko ndabahamagarira kuza gukora ubuvumvu.

Abavumvu bahawe agaciro by'umwihariko abagore, hategurwa amahugurwa ku rubyiruko bumve ko atari umwuga w'abagore bakuze, kuba bazanyemo n'abakiri bato bakumviramo akamaro uruyuki rufite, ubuki bufite tunamenya ibyakwangiza inzuki. Bongeremo imbaraga mu rubyiruko."

Mu Karere ka Rutsiro hari amakoperative y'abavumvu atatu aterwa inkunga na UNESCO, ari yo COAPIRU, CODACE na COVED.

Twambazimana Consolee wo mu Karere ka Musanze uhugura abavumvukazi mu bijyanye n'imiyoborere n'imicungire y'amakoperative y'ubuvumvu yavuze ko abagore bitinyutse bakora neza ubuvumvu kandi basobanukiwe imicungire n'imiyborere y'amakoperative.

Ati: "Mbere baritinyaga nk'aba-gore, bakumva ari umwuga w'abagabo ku buryo ibyemezo byinshi byafatwaga babanje kubaza abagobo icyemezo bagafashe, babashije kumenya itegeko rigenga amakoperative, ku micungire ni myiza, ubu basobanukiwe uko bagomba kugunbabunga aho inzuki ziri, no kubungabunga koperative."

Yavuze kandi ko kuba hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Inzuki byarushijeho kubaha imbaraga kuko umwuga wabo uhawe agaciro ndetse bagiye kujya bakora kurushaho.

Dr Gasingirwa Marie Chantal umuyobozi wa'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO), ishami ry'u Rwanda yagaragaje ko umuhati abagore bagaragaje mu buvumvu watumye na UNESCO ibatera inkunga ndetse mu Rwanda akaba ari ubwa mbere hizihijwe Umunsi Mpuzamah-anga ukanizihirizwa mu Karere ka Rutsiro, mu gice cya Pariki y'Igihugu Gishwati-Mukura.

Ati: "Abagore bagaragaje ko banakeneye urugendoshuri ngo biyungure ubwenge twabasangiza ibyo dukora n'ibyo twakunguka, biyun-gure bwo kumenya uko dukoresha umutungo dufite, basobanukirwe akazi ka koper-ative, uko twabona umusaruro urenze ibyo dukora.

UNESCO yaduteye inkunga tubona imiganbi dufite iratera imbere, yatuzaniye abantu baduhugura, ubu bavuye mu regendoshuri muri Kirehe kandi batubwiye ko no hanze bashobora kuzabajyanayo."

Yasobanuye ko ubuvumvu bunashingiye no ku muco, kuko mu kwizihiza uwo munsi haza-nywe n'abakiri bato kugira ngo bazakomeze uwo muco.

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Emmanuel Uwizeyimana, yavuze ko imiterere y'Akarere ka Rutsiro iberanye n'ubu-vumvu kandi Akarere gakora ibishoboka ngo ubuvumvu butere imbere.

Ati: "Imiterere y'Akarere k'imisozi miremire bibe-reye umwuga w'ubuvumvu, uteye imbere cyane cyane mu Mirenge yegereye Pariki y'Ig-ihugu ya Gishwati-Mukura ndetse dufite uruganda rw'ubuki. Hari ubuvumvu bukorwa n'abaturage bafite imizinga ya kinyarwanda, kuri ubu dufite koperative z'abagore mu Murenge wa Kigeyo turimo, uwa Nyabirasi, Mukura na Rusebeya."

Yongeyeho ati: "Dufite amako-perative akoresha imizinga ya kijyambere tunifuza kongera ingano y'ubuki dukora divayi yo mu buki n'ibindi bisaba ko tuba dufite ubuvumvu buteye imbere. Tugenda tugerageza kongera umubare w'imizinga dufite, akarere twatangiye guteganya ingengo y'imari nibura buri mwaka tukongera iminzinga nka 200."





# Kwibohora 31: Ingabo na Polisi by'u Rwanda barim-banyije kubaka ECDs

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abayobozi b'ibigo by'amashuri mu Turere dutandukanye ndetse n'aba-yobozi b'Inzego z'ibanze barashimira byimazeyo Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda bakomeje gufatanya mu kubaka Ingo Mbonezamikurire y'Abana bato (ECDs) mu bice bitandu-kanye by'Igihugu.***

Ni gahunda yashyizwemo imbaraga mu kugabanya ubucucike mu mashuri no gufasha abarimu gutanga uburezi buhamye ku bana bato.

Minisiteri y'Ingabo yatangaje ko kubaka za ECDs ari imwe mu ngingo z'ingenzi zigize gahunda yo kwegera abatu-rage kw'inzego z'umutekano, igamije gukemura ikibazo cy'ubucucike mu mashuri ndetse no gukumira ko abana bajya batangizwa mu mashuri abanza batarageza imyaka yabugenewe.

Christophe Sindikubwabo, Umuyobozi wungirije ushinzwe amasomo mu Rwunge rw'Amashuri rwa Murambi mu Murenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, yagize ati: "Ingo Mbonezamikurire y'abana bato zizadufasha cyane. Mu bihe byashize, ababyeyi bazanaga abana mu mashuri abanza bafite imyaka ine gusa, kandi ibyo ntibyemewe muri gahunda nshya y'uburezi. Irerero rishya twubakiwe rizafasha abana bavuye mu Tugari twa Nyanza na Karambo batagiraga irerero."

Yakomeje ashimira inzego z'umutekano zakemuye ikibazo bahuraga na cyo mu burezi, abana bato bakaba babonye aho bazajya bahererwa ubumenyi bakiri bato.

Haran Jean Marie Vianney Nanzagahigo, Umuyobozi wungirije ushinzwe Amasomo mu Ishuri ryisumbuye ry'Im-yuga n'Ubumenyi Ngiro (TSS) rya Kitabi mu Karere ka Nyamagabe, na we yongeyeho ko ishuri rya ECD barimo kuba-kirwa rije kugabanya ubucucike mu mashuri y'inshuke.

Yagize ati: "Mu mashuri y'ins-huke, ubu dufite abanyeshuri 323 bagabanyije mu mashuri atatu. Iyi ni imbogamizi ikomeye kuko ibangamira ireme ry'uburezi no kubuza abarimu guha buri mwana umwanya akwiriye kubona.

Yakomeje agira ati: "Bityo rero turashimira inzego z'umutekano zifatanyije na Guverinoma y'u Rwanda mu kubaka ibi byumba by'amashuri by'inyongera. Bizagabanya ubucucike kandi bifashe mu kunoza imyigishirize."

Iyi gahunda yakozwe n'Inzego z'umutekano igamije kubaka Ingo Mbone-zamikurire y'Abana bato mu Turere dutandukanye turimo aka Gasabo, Nyarugenge, Kicukiro, Nyagatare, Buge-sera, Gicumbi, Nyamagabe, Rubavu na Nyabihu.

Izo Ngo Mbonezamikurire zitezweho kuzamurikirwa Leta ku wa 4 Nyakanga 2025, ubwo u Rwanda ruzaba rwizihiza isabukuru ya 31 yo Kwibohora.



Inzego z'umutekano zigira uruhare mu iterambere ry'Igihugu



Gukoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije biragenda bizamuka

# Ingo zikoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije zigeze kuri 5% zivuye kuri 1% mu 2017

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho y'ingo (EICV 7) bwaga-ragaje ko mu Rwanda ingo 5.4% zikoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije, ingo 18.8% zikoresha amakara mu gihe mu gihugu hose ingo 75% zikoresha inkwi.***

Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibaru-rishamibare (NIRS) bugaragaza ko ingo zingana na 5% zikoresha gaze nk'ibi-canwa bitangiza ibidukikije mu 2024 bivuye kuri 1% muri 2017.

Mu bice by'Umujyi ingo ziko-resha ibitangiza ibidukikije ni 17% zivuye kuri 5% mu 2017.

Ni mu gihe mu bice by'ic-yaro, ingo zikoresha ibitangiza ibidukikije ari 1% zivuye kuri 0.2% muri 2017.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarur-ishamibare gisobanura ko ibicanwa bitangiza ibidukikije ari ibigizwe na gaze, biyogazi n'amashanyarazi.

Ingo zo mu mijyi zigaragaza itandukaniro rinini, aho 32% bakoresha inkwi ugereranyije na 93% bakoresha inkwi mu cyaro.

Amakara ni yo yiganje mu guko-reshwa cyane mu mijyi kuko akoreshwa n'ingo 51%, mu gihe ingo zo mu cyaro ari 6% gusa.

Imikoreshereze ya gaze iri ku gipimo cyo hejuru mu mijyi ku kigero cya 17% ugereranyije no mu cyaro bari ku gipimo cya 1% cy'abakoresha gaze.

# Kwitwa inganzwa ntibigikanga abasobanukiwe ubwuzuzanye

KAMALIZA Agnes

***Hari umwe mu bagabo uherutse gusakaza amashusho ku rubuga rwe rwa 'WhatsApp' ahetse umwana we, arangije ayaherekeresha ubutumwa bugira buti: "Niba ari uku uburozi bumera bampe bwinshi nirire, cyangwa niba ibi ari byo bita kuba inganzwa nemeye kuba yo ubuzira-herezo!"***

Bamwe mu babonye ubwo butumwa bahise bamwandikira bamubwira ko yemeye gutegekwa n'umugore akamugira cishwa aha, abandi bamubwira ko yemeye kuba inganzwa kugira ngo yubake mu gihe hari n'abamushimye bamwifuriza gukomereza aho.

Uretse kuba yaranenzwe n'abamwandikiye bamwita inganzwa, ubwe yagaragaje ko ntacyo bimutwaye mu gihe abanye neza n'umugore we kandi n'umwana ahetse ari uwabo.



Kuba umugabo yaheka umwana ntibikwiye ko yitwa inganzwa, ahubwo aba yarasobanukiwe uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango

Abaganiriye na Imvaho Nshya bo mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali no mu nkengero bagaragaza ko kubona umugabo akora imirimo yo mu rugo ari igisebo mu gihe abandi babishima basabira abatarumva akamaro kabyo kwigishwa.

Uwimana Claudine, inkumi y'imyaka 19, ituye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Masaka, avuga ko se adashobora koza umwana cyangwa ngo yuname akubura kuko abibona nk'ibigayitse ndetse abonye abikoze ashobora gukeka ko nyina yamuroze.

Yagize ati: "Ese urumva ibyo yabitinyuka akoza umwana cyangwa n'indi mirimo? ntabwo data yateka areba mama cyangwa wenda ngo afate umweyo akubure; urumva se ibyo yabitinyuka? Nanjye mbibonye navuga nti mama yaramuroze!"

Akomeza avuga inkuru y'umugabo baturanye wabaye igitaramo mu bandi kuko ajya afata agafuka akajya guhaha, ndetse ntajye mu kabiri ahubwo akagura inzoga akayitahana akayisangira n'umugore.

Yagize ati: "Iyo babonye afashe agafuka agiye guhaha baravuga ngo umugore yaramuroze. Hanze aha birirwa bamuseka ngo umugore yamugiriyeyo kuko nta nubwo ajya mu kabari nk'abandi ahubwo agura inzoga akayijyana mu rugo bakayinywerayo."

Yongeyeho ko abantu bavuga ko umugore we yamuhaye uburozi butuma ajunjama ubundi akamutegeka.

Icyakoze Uwimana yongeyeho ko atajya yumva intonganya mu rugo rwabo ahubwo abona bagendana mu nzira bishimye.

Mukiza Patience wo mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kinyinya, ashimangira ko kubona umugabo uhetse umwana bigaragara nabi ku buryo n'abantu bavuga ko yarozwe.

Yagize ati: "Bigaragara nabi kuko guheka abana ntibyagenewe abagabo. Abantu bo hanze iyo babibonye bavuga ko hari ibyo wamuhaye kuko baba babona ari gukora inshingano zitari ize."

Nubwo abo bakibona ko hari imirimo umugabo atakora kugira ngo arinde icyubahiro cye, hari abandi bavuga ko ibyo ntacyo bitwaye kuko bose baba bakorera urugo ndetse ko no kwita kuri abo bana bitagenewe umubyeyi umwe.

Gasamagera Aphrodis avuga ko mu gihe hari imirimo yo mu rugo itakozwe kandi kuri we afite umwanya yumva kuyikora nta gisebo kirimo.

Avuga ko koza amasahani, gukoropa, koza umwana akamuheka n'indi mirimo yo mu rugo ayikoze ntacyo yaba cyane ko na mbere yo gushaka umugore n'ubundi yabyikoreraga.

Yagize ati: "Ibyo kwanga gukora imirimo yo mu rugo ngo ni uko ufite umugore mbibona nko kwiremereza. None se adahari cyangwa afite ikibazo kandi dufite abana twazicwa n'inzara cyangwa umwanda ngo ni uko adahari? Kabone n'iyo yaba ahari kuyikora nta gitangaza kirimo."

Akomeza avuga ko yabonye abagabo bafasha abagore babo kandi ingo zabo zikaba nziza.

Gasamagera anenga abafata abo bagabo nk'inganzwa ndetse akabasabira ko bajya bahabwa inyigisho.

Ati: "Umuntu wita undi inganzwa ni ubujuji ahubwo akeneye ubujyanama akagira aho akosorerwa mu isomo."

Basigayabo Jean Bosco, Umugenzuzi w'Uburezi mu Murenge wa Gatenga, avuga ko hari abagifite imyumvire iri hasi ku bwuzanye bwo mu rugo ku mpande zombi ariko we yigeze kwiyumvira umugore ubuza umugabo kumufasha.

Yagize ati: "Hari ikibazo nahuye na cyo cy'umugore wigeze kumbwira ati umugabo wanjye ntashobora koza umwana, ukumva nyirubwite na we ntabyumva ahubwo mbona ko ubukangurambaga no ku bagore bukenewe."

Yongeyeho ko ubwuzuzanye mu rugo bitavuze ikandamizwa hagati y'impande zombi ahubwo bishingiye ku burenganzira bungana.

Ingabire Francçoise, Ushinzwe ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye mu Karere ka Rwamagana, yabwiye Imvaho Nshya ko abantu bagifata umugabo ufasha umugore nk'inganzwa ari uko batarasobanukirwa ubwiza bwo kuzuzanya.

Icyakora yemeza ko iyo myumvire iriho ariko bikwiye gucika.

Yagize ati: "Hari ababababona bakabaseka bavuga ngo wa mugabo yabaye inganzwa mu rugo, cyangwa umugore hari utwo yamuhaye. Gusa iyo myumvire ni yo dushaka guca ahubwo uwo mugabo ni urugero rwiza ko n'abandi bagabo bamwigiraho. Umugabo yogeje umwana ko ari we se bitwaye iki? Akubuye urugo ko ari urwe ikibazo kiri he?"

Yongeyeho ko bigisaba kwigisha bihoraho kugira ngo bose babyumve kimwe.

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) isaba abantu kumva ko gufashanya imirimo yo mu rugo nta gikuba kiba cyacitse cyane ko urugo ruba ari urwa bose.

Minisitiri wa MIGERPROF, Uwimana Consolée, avuga ko mbere y'uko abashakanye babana hari ibyo baba barabanje kumvikanaho kandi biba bikwiye no gushyirwa mu bikorwa bagakomeza inzira y'ubwubahane no kuzuzanya.

Ati: "Mushobora kuba hari ibyo mwumvikanyeho mujya gushakana birimo gufashanya n'ibindi. Twongere turebe niba tubishyira mu bikorwa mu nyungu zacu nk'umugabo n'umugore no mu nyungu z'umuryango."

Asaba abashakanye kwimakaza amahoro ashingiye ku bwuzuzanye nta gukandamizanya hagati y'impande zombi kandi bakibuka ko mu gihe batagize icyo bumvikanaho bashobora kubikemurira mu biganiro.





# Nyamasheke: Habonetse imibiri 3 y'abazize Jenoside




Akarere ka Nyamasheke

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Imibiri 3 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabonywe mu isambu ya Mukeshimana Valens, mu Mudugudu wa Taba, Akagari ka Shangi, Umurenge wa Shangi mu Karere ka Nyamasheke n'abakozi be 2 barimo bacukura itaka ryo kumuhomera inzu.***

Iyo sambu Mukeshimana yayiguze mu 2008, ahamaze imyaka 17, ayiguriye Mukandekezi Ildegarde, wari warayihawe na nyina.

Mukandekezi akaba mushiki w'interahamwe yitwaga Harerimana Bonaventure, wari umwarimu mu ishuri ribanza rya Shangi, wari ufite bariyeri yiciweho Abatutsi, bigakekwa ko ari we wacukuye icyobo iyo mibiri yabonetsemo. Yarahunze ntiyagaruka.

Uhagarariye IBUKA mu Murenge wa Shangi, Ndinzumukiza Eric, yabwiye Imvaho Nshya ko abakozi ba Mukeshimana Valens ubwo bacukuraga itaka ku wa 20 Gicurasi 2025 bageze kuri metero 1 gusa bacukura,baguye ku mubiri, bahita batanga amakuru mu nzego z'ubuyobozi, iz'umutekano n'iza Ibuka, zijyayo.

Mu guhanahana amakuru hanakurikijwe bariyeri yari iri ku muhanda imbere y'aho bawubonye, bemeza ko ari uw'uwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku wa 21 Gicurasi n'abaturage b'Umudugudu wa Taba, bazindutse bacukura aho hantu ngo barebe ko nta yindi miribi ihari.

Ati: "Barahazindukiye bacukuye n'ubundi muri icyo cyobo bahabona indi mibiri 2, umwe muri iyo mibiri ba nyirawo baramenyekana, basanga ari uw'umusore wari ufite imyaka 9 wahiciwe ari kumwe na mushiki we na muramu we wari uvuye kubareba kuri Kiliziya ya Shangi ngo abahishe kuko we atahigwaga, bayigezeho, uwo musore,arahicirwa, n'umugore bicanye n'umwana we ariko ba nyira yo ntibaramenyekana.

Nyirarukundo Consolée mushiki wa nyakwigendera bari kumwe kuri iyo bariyeri yabwiye Imvaho Nshya ko nyuma yo kubona ibimenyetso byose, yasanze uwo mubiri ari uwa musaza we wishwe icyo gihe.

Avuga ko Jenoside igitangira basenyewe, bahungira mu baturanyi bahaburira amahoro, bahungira kuri Kiliziya ya Shangi. Aho i Shangi abonye bibassiye abagabo n'abahungu ashaka agakanzu akambika uwo musaza we kuko abahungu benshi barokokeye kuri iyi kiliziya ari abambitswe amakanzu abicanyi bakajya babitiranya n'abakobwa bakabareka.

Ati: "Namwambitse agakanzu n'agapira k'imbeho k'agatiriningi nambaraga, umugabo wa mukuru wanjye utarahigwaga aza kutureba ngo ajye kuduhisha,avuga ko atujyana twembi abandi bavandimwe banjye akazaza kubatwara nyuma kuko bitari kumworohera kudutwara twese.'

Akomeza asobanura uburyo bageze kuri bariyeri yariho wa mwarimu Harerimana bagatangira kureba niba abana bari kuhanyuzwa bambaye amakanzu hataba harimo abahungu, ariko ku bw'amahirwe, umugabo wa mukuru we yabasabye imbabazi ngo we ntibamwice, bababwira kuhava vuba, barahava baragenda. Ikindi akavuga ko yabonye abo bicaga rubi babacagaguramo ibice.

Kumenyekana kw'iyo mibiri ni uko Nyirarukundo yabonye agace k'ako gakanzu n'ak'ako gatiriningi yari yamwambitse, n'uduce tw'imyenda uwo mubyeyi n'akana ke bari bambaye, arabamenya, ariko uwo mubyeyi n'umwana ntibamenye aho bari baturutse

Avuga ko yashimishijwe no kubona umubiri wa musaza we, ukurikira iya se na nyina yabonye bari bayizingazingiye mu mwenda bayita mu mugezi nyuma yo kubicira muri kiliziya ya Shangi, bayirundaho ibisinde iza kuboneka,ko yumvise aruhutse umutima awubonye, akavuga ariko ko akibabajwe no kuba hari ibice byawo yabuze, n'iya basaza be 2 itaraboneka.

Iyo mibiri yabonetse ku munsi ukurikira uwo gushyingura umukecuru Nyirangirimana Thérèsie na we wari wararokotse Jenoside wo muri ako Kagari wishwe n'abataramenyekana.

Uhagarariye IBUKA mu Murenge wa Shangi Ndinzumukiza Eric, akavuga ko ari ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje kuhigaragaza.

Ati" Nka Ibuka tubona ari ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje kwigaragaza muri uyu Murenge, aho uretse kwica abarokotse Jenoside, abafunguwe bayikoze bakomeje kwinangira gutanga amakuru y'aho bajungunye imibiri y'abacu, tugasaba Leta kubihagurukira ntibakomeze kudutoneka ako kageni."

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Shangi Mukamusabyimana Marie Jeanne yavuze ko iyo mibiri yabonetse iri gutunganywa ngo izashyingurwe mu cyubahiro igihe inzego zose bireba zizumvikana.

Yanasabye abafite amakuru y'aho imibiri itaraboneka ihererereye kuyatanga, ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Ati: "Turongera gusaba uwaba afite amakuru y'ahari imibiri y'Abatutsi bazize Jenoside kuyatanga igashyingurwa mu cyubahiro, nk'uko n'ubundi ubu butumwa tudahwema kubutanga."

# Nyagatare: Imigano yatewe ku mugezi w'Umuvumba yawutabaye wari utangiye gukama

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abaturage b'Akarere ka Nyagatare baturiye umugezi w'Umuvumba barashimira Leta yabatabaye igatera imigano myinshi ku nkengero zawo, ikawurengera wari watangiye gukama ,imyaka bahingaga hafi yawo yangizwa n'isuri yawumanukiragamo bagatahira aho baratanze imbaraga zabo nyinshi bahinga.***

Abahinzi b'umuceri mu gishanga kiwegereye mu Murenge wa Nyagatare bari mu biruhukije ibi biti bitewe.

Manizabayo Jean Damascène Imvaho Nshya yasanganye na bagenzi be babagara umuceri mu gishanga, avuga ko ari umuhamya wo guhamya igihombo baboneraga mu isuri yatwaraga umuceri wabo itewe n'uwo mugezi utari ufite ibiti biwurinze, ndetse n'inyungu bakesha umusaruro babona uyu munsi aho ubungabungiwe.

Ati: "Ntacyo twavuga kindi tutabanje gushimira cyane Umukuru w'Igihugu Paul Kagame watuzaniye umushinga wateye iyi migano ukayizengurutsa uyu mugezi tukongera kwizera kubona umuceri."

Yakomeje agira ati: "Mbere ntitwashoboraga kugira icyo duhinga hano kuko ubutaka bwararidukaga, isuri yose ikawinjiramo amazi yawo akagabanyuka bigaragara, tukabura ayo kuhira imyaka, utwaka tugerageje guhinga twose isuri ikadutwara, tukamera nk'abahingiye ubusa."

Avuga ko impinduka mu buhinzi bw'uyu muceri no kuwihazaho zazanywe n'ibungabungwa ry'uwo mugezi.

Ati: "Ubutaka ntibukiriduka bwarakomeye. Isuri ntikimanukana ibitaka byose n'ibiti ngo ibirunde mu mugezi. Byatumye tubona amazi twuhiza, umuceri umeze neza cyane, ni ko kanyamuneza dufite."

Munezero Joyce waganiriye na Imvaho Nshya arimo abagara ibishyimbo iruhande rwawo, yavuze ko iyo migano itarahaterwa atari kwirirwa yirushya ngo arabihinga.

Ati: "Nta mwaka n'umwe wari kwirirwa wirushya uvuga ngo uratera hano kubera ko ubutaka bwose isuri yabujyanaga muri uriya mugezi, twarabuze icyo dukora. Wabonaga ugenda ukama buhoro buhoro, nta cyizere ko uzongera kuba Umuvumba nk'uko wari uzwi."

Yunzemo ati: "Ubu impinduka ziragaragara, turahinga tukeza, hari amahumbezi, turishimye."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzag, ashimangira akamaro gakomeye cyane k'umugezi w'Umuvumba, cyane cyane mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, gukama kwawo kukaba kwari igihombo gikomeye cyane.

Ashima ko haterewe imigano ku bufatanye n'Ikigo cy'igihugu cyo kubungabunga Ibidukikije (REMA) mu mushinga wayo wa NAP.

Ati: "Byari bimwe mu byatumaga tutabona umusaruro mwiza w'umuceri hano ku Umuvumba. Ariko aho utereweho imigano isuri yabaye amateka, amazi y'Umuvumba dushobora kuyakoresha neza ariyongera, itaka ryose ryahamanukiraga nta gitangira riratangirwa, umuceri wera neza."

Ashimira REMA muri uyu mushinga wayo wa NAP impinduka wazanye mu baturage b'aka karere no guhangana n'ibibazo by'imihindagurikire y'ibihe ,aho ku bufatanye na yo bashoboye kurengera uyu mugezi n'ibindi bidukikije mu buryo bufatika, akanaboneraho gusaba abaturage gukomeza ibikorwa biwubungabunga.

Ngendahimana Cyprien ushinzwe itumanaho muri REMA, avuga ko uyu mushinga wa NAP watangiye mu 2021 mu Turere twa Nyagatare, Kirehe,Rusizi na Nyamasheke, mu ntego yo gufasha abaturage guhangana n'imihindagurikire y'ibihe ibagiraho ingaruka zikomeye.

Ati: "By'umwihariko mu Karere ka Nyagatare, kibasirwaga n'izuba ryinshi kubera ko imisozi yako myinshi icyo gihe yari yambaye ubusa, n'umugezi w'Umuvumba usa n'uri mu marembera, byatumye tuhibanda mu guhinga imigano ku nkengero zawo, bigaragara ko yazanye impinduka zikomeye mu kuwubungabunga."

Imigano ikikije umugezi w'Umuvumba iteye ku bilometero bigera kuri 85.



**Iyi migano yatewe ku mugezi w'umuvumba yatumye imyaka ihahingwa idatwarwa n'isuri**



**Mugara bashingiwe amapoto babura umuriro**

# Musanze: Mugara bamaze imyaka ine bategereje umuriro w'amashanyarazi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Mugara, Akagari ka Kigombe, Umurenge wa Muhoza mu Karere ka Musanze, bamaze imyaka ine bategereje umuriro w'amashanyarazi, babajwe nuko iterambere ryabo ryihutirwa rikomeje kudindira.***

Nyamara, nubwo hashyizweho amapoto y'amashanyarazi nk'ikimenyetso cyo gutangira kugezwaho umuriro, kugeza ubu umuriro nturabageraho. Ibyo byatumye abaturage basigarana gusa amatara n'agatoroshi k'amabuye, ndetse umutekano wabo ukaba muke mu gihe cy'umwijima, kuko ngo hari insoresore zitwikira ijoro zikabambura utwabo.

Nzigira Faustin, umwe mu baturage, ashimangira ko aho kugira ngo umuriro ugerweho, bahuye n'inzitizi nyinshi

Yagize ati: "Twashyizeho amapoto yacu, ariko REG ikaza ikatubwira ko ayabo ariyo agomba gukoreshwa. Nubwo amapoto yagiye ashyirwaho inshuro nyinshi, imyaka ine irashize umuriro nturagera hano."

Dusabemariya Josiane avuga ko kubura umuriro bituma abana batabasha kwiga nijoro kandi bikongera ibyago byo guhura n'ibibazo by'umutekano.

Ati: "Abana bacu ntibashobora gusubira mu masomo kuko nta muriro ubafasha kwiga nijoro. Telefone tujya gucaginga kure, kandi bigorana kugera ku muriro."

Nsengimana Silidio avuga ko kwifashisha ibikoresho nk'amabuye ya radiyo, peteroli yo gushyira mu dutadowa bigoye kubera ibiciro byazamutse cyane.

Yagize ati: "Amabuye ya radiyo na peteroli byo gushyira mu dutadowa byahenze, ndetse televiziyo ntituyibona nk'iby'ibanze kuko tutayifite ntawayigura adafite amashanyarazi."

Batanga Regis, ukuriye REG ishami rya Musanze, yemeza ko ikibazo kizwi neza kandi ko ibikorwa byo gutanga umuriro ku Mudugudu wa Mugara bizarangira mu kwezi kwa Kamena 2025.

Ati: "Hari imbogamizi z'ibikoresho byatumye umuriro utagera ku baturage, ariko turimo kubikemura. Turizeza abaturage ko muri Kamena 2025 bazaba bafite umuriro."

Abaturage bifuza ko bagezwaho umuriro w'amashanyarazi uzabafasha kwiteza imbere no guhindura imibereho yabo.







**Abaturage birirwa bategereje amazi batari bubone ku mavomo kimwe n'ibigo by'amashuri**

# Burera: Hashize ukwezi batagira amazi, biteza umwanda mu mashuri

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rugarama Kidaho na Gahunga mu Karere ka Burera, bavuga ko bamaze amezi abiri bavoma amazi yo mu kiyaga cya Burera, ibigo by'amashuri na byo bikora ingendo ndende bijya kuvoma amazi y'imvura mu bigega by'abaturanyi.***

Aba baturage bavuga ko gukoresha amazi mabi binbateza indwara zikomoka ku mwanda, ibigo by'amashuri na byo bikavuga ko ari ikibazo gikomeye cyane, bagasaba inzego bireba kubafasha kongera kubona.

Nsengiyumva Eulade wo mu Murenge wa Rugarama, yagize ati: "Tumaze amezi 2 amavomo yacu ndetse n'abafite imigezi mu rugo nta mazi tubona, ibi bituma dukoresha amazi mabi y'imvura yo mu bigega by'abaturanyi abandi na abo nk'abari hafi ya Burera ubu ni ho bavoma. Twifuza ko badusobanurira impamvu tubura amazi kugeza igihe cy'ukwezi."

Umwe mu bayobozi b'ibigo by'amashuri yabwiye Imvaho Nshya ko na bo bakomeje kugorwa n'ibikorwa by'isuku n'isukura ku ishuri.

Yagize ati: "Ubu rwose ibijyanye n'isuku kuva abana bava mu biruhuko biradukomereye cyane. Tekereza kuba ufute abana 900, bagomba kurya, koza ibikoresho byo ku meza no mu gikoni, hakiyongeraho ko bagomba kunywa amazi meza."

Mwanangu Theophile, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Burera ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, yavuze ko icyo kibazo bakizi kandi barimo kugishakira igisubizo kirambye.

Ati: "Ikibazo cy'ibura ry'amazi muri kariya gace turakizi, kuko hari imiyoboro WASAC yarimo isana yangiritse kuri ubu ndimo kuganira n'ubuyobozi bwayo ngo turebe aho ikibazo kigeze, mu minsi mike amazi araba agarutse."

Akomeza asaba abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abaturage kugira ibigega by'amazi bajya bashyiramo amazi yo ku miyoboro ya WASAC kugira ngo bajye bakoresha ayo mazi mu gihe andi yaba yagiye.

Ikindi kandi, barasabwa kumenya ko gukoresha amazi y'imvura baba barafashe mu bigega atari byiza ahubwo ko bakwiye kujya basukuza mu nzu no kuyameshesha gusa kuko kuyanywa ari ugushyira ubuzima bwabo mu kaga.

# Nyagatare: Akazi yahawe muri VUP katumye yiyubakira inzu

**HITIMANA Servand**

***Nyirabaginama Angelique umuturage wo mu Karere Ka Nyagatare, mu Murenge wa Mimuri avuga ko yahinduriwe ubuzima na gahunda ya VUP yabyaje umusaruro akazi yahawemo kakamufasha kwiyubakira inzu yo kubamo ava mu icumbi.***

Uwo mubyeyi w'imyaka 35 ufite abana batatu avuga ko atahiriwe n'urushako, aho byatumye agira imibereho mibi abaho mu buzima bwo guca inshuro no gucumbika we n'abana be.

Yaje gutoranywa mu batishoboye bahuzwaga n'amahirwe yo kuba umugenerwabikorwa wa VUP mu 2021, ahabwamo akazi akorera 1500Frw ku munsi, afata ingamba zo kwizigama no gukorera ku ntego.

Ati: "Nahawe gukora muri VUP natangiye kugaragaza ibimenyetso by'imirire mibi kandi mbayeho nabi. Nahembwaga 1500Frw ngahahishaho nkanazigama hanyuma nza kubona mfite ubushobozi bwo gukodesha aho guhinga ibigori. Narahinze ndeza turarya turahaga gusa nsigarana ikibazo cyo kugira aho ntaha hitwa iwanjye."

Akomeza agira ati: "Nagiye nongera ubutaka mpingaho, nkeza nkanaguriraho indi myaka nkagurisha igiciro cyazamutse kugera ubwo ngira ubushobozi bwo kwigurira ikibanza cy'ibihumbi 800Frw.

Muri VUP naho babonye uko ndi gukoresha neza amahirwe nahawe mpindurirwa icyiciro, mva mu gukora mu muhanda bampa kwigisha muri ECD kuko nari maze gusobanuka."

Avuga ko nyuma y'imyaka itatu abaye umugenerwabikorwa wa VUP, aribwo yabashije kugera ku nzozi ze zo kwiyubakira inzu.

Ati: "Uko ngenda nagura ibikorwa, ni ko naje kugira ubushobozi bwo kubaka cya kibanza ubu nkaba nshima ko ndi mu nzu yanjye mbikuye ku gucunga neza amafaranga 1500 nahembwaga ku munsi.

Uyu munsi ubu ntabwo nasuzugurwa, mba mu bimina kandi ibitekerezo ntangamo birubahwa, abana banjye bariga, niyishyurira imisanzu itandukanye iba isabwa umuturage."

Ati: "Hari abahabwa aya mahirwe bakava mu kazi bahitira mu nzagwa n'ibindi bidafite icyerekezo. Nababwira ko amafaranga 1500 ukorera kugera saa sita, wayagenera uko uyakoresha akazakuzamura cyane ko nyuma ya saa sita wajya no mu bindi bikorwa byawe bikunganira mu mibereho. Abantu bareke kubaho nk'abihebye ngo bumve nta cyahinduka, bandebereho kuko uko nari mbayeho barabizi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Stephen Gasana, ati "Ni byo gahunda yacu ni ugushyashyanira umuturage. Gahunda Leta yashyizeho zo gufasha abanyantege nke, tubona yaratanze ibisubizo bizima kuko hari abagaragaza impinduka tunashimira cyane.

Abegenda biguru ntege n'abo bakwiye kumenya ko inyungu ari bo ubwabo, aho ubuyobozi buba bubafasha kwifasha. Bakwiye kurebera kuri bagenzi babo kuko ubuhamya bw'abagize intambwe batera tunabugarukaho mu nteko z'abaturage."

Kugeza ubu gahunda zo gufasha abaturage binyuze muri gahunda zitandukanye hahuzwa amahirwe ahari, yaba guhabwa imirimo, guhabwa inguzanyo zishyurwa ku nyungu ya 2% n'izindi, biteganyijwe ko zizagera ku baturage ibihumbi 14 muri uyu mwaka mu Karere ka Nyagatare.



**Yabashije kwiyubakira inzu ava mu icumbi yari amazemo igihe**

# Nyamasheke: Umwarimu yazaniwe uruhinja rw’amezi 3 mu ishuri n’uwo yateye inda

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

Mwarimu Siborurema Amiel w’imyaka 25 wari urimo yigisha mu mwaka wa 5 w’amashuri abanza muri GS Rurembo, Umurenge wa Karambi, Akarere ka Nyamasheke yatunguwe no kwakira uruhinja rw’amezi 3 yari azaniwe mu cyumba cy’ishuri na Nyirantabaruye Béatrice w’imyaka 19 avuga ko barubyaranye,ahita yirukanka.

Byabaye mu ma saa tatu z’igitondo zo ku wa Gatatu tariki 21 Gicurasi 2021, kuri GS Rurembo.

Umuyobozi w’iri shuri Nsengimana Aimable, yabwiye Imvaho Nshya ko na we yatunguwe n’iyo nkuru, ahamagarwa abwirwa ko hari umukobwa uje agaha umwarimu uruhinja amusanze mu ishuri agahita yirukanka.

Ati: “Abarimu bampamagaye bibaza ibibaye bibayobeye, bambwira ko umukobwa yaje akarunguruka muri sale y’abarimu, agahita yigendera ari ubwa mbere bari bamubonye anacigatiye uruhinja mu ntoki, ntibabyitaho, bagira ngo ni uje gushaka umuyobozi.”

Abarimu bari muri iyo sale batunguwe n’urusaku rwinshi rwahise ruba mu mwaka wa 5 w’abanza,umwarimu asohokana uruhinja mu ntoki avuga ati’ Bansigiye uruhinja mu sihuri.’

Ati: “Sinzi niba umukobwa yari yaje yabiteguye, yahise abura kuko yinjiye mu ishuri ararumuhereza ati akira umwana wawe. Umwarimu aramwakira.

Naraje nsanga yabuze uko yifata n’uko arufata kubera n’urusaku no kureka amasomo byahise bikurikiraho, mugenzi we w’umwarimukazi ararumwaka aba ari we uruterura.

Avuga ko bashakishije nyina w’uruhinja hafi aho baramubura, bifashishije ubuyobozi nyuma gato umukobwa aba araje, hanaza umukozi ushinzwe imibereho myiza y’abaturage mu Murenge wa Karambi n’inzego z’umutekano babaza umukobwa uburyo yatekereje kuzanira umwana se ari mu ishuri.

Umukobwa avuga ko uwo mwarimu ntacyo amufasha, mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw’umwana yahisemo kumuzana ku ishuri ngo ikibazo gikemuke.



Dany, yasabye ko Siborurema yajya atanga nibura amafaranga 50 000 mu kwezi, mwarimu avuga ko atayabona, yemera icyakora ko yajya yikokora agatanga amafaranga 20.000, akazatangira kuyatanga ku wa 30 Kamena 2025, anemera kwiyandikishaho umwana.

Aya mafaranga akazayatanga mu mwaka wose nyuma amasezerano akazahinduka bitewe n’ibyo umwana azaba akenera icyo gihe, mwarimu yakwica amasezerano akazakurikiranwa n’ubutabera.

Yarabyemeye aranabisinyira n’umukobwa arasinya n’abayobozi bari bahari.

Imvaho Nshya yanaganiriye n’uwo mukobwa Nyirantabaruye Béatrice wazanye uruhinja.

Ati: “Twari inshuti zikomeye kuko iwacu n’aho uwo mwarimu yari acumbitse twari duturanye, nkaba naramwirekuriye kuko nabonaga uyu mwarimu ankunda, aza no kuntera inda ariko mubwiye ko numva nshobora kuba ntwite aramutwama, icyo gihe inda ifite ukwezi.”

Yavuze ko ku mezi 2,5 yagiye ku gipimo, aje arabimubwira yumva byo abyakiriye neza, ariko ntibongera kuvugana kugeza ubwoinda yagize amezi 8.

Yakomeje asobanura ko nyuma yo kubyarira ku bitaro bya Kibogora, umwana yagize ibibazo ahamara ibyumweru 2 ataramugeraho. Anavuye mu bitaro, abonye atamwitayeho njyana ikibazo ku Murenge, baramuhamagara yemera umwana anemera kumfasha ariko nta na kimwe yakoze, ahitamo kumushiyira umwana ku ishuri.

Ati: “Natekereje ko kugira ngo yumve ko ibyo akora atari byo namushyira umwana ku ishuri ari mu masomo.

Ikibazo bakigiyemo, Siborurema Amiel yemera ataruhanyije ko umwana ari uwe, atamuhakana, bamubajije uburyo azajya amwitaho avuga ko amafaranga yabona y’indezo ari 5 000Frw ku kwezi, umukobwa avuga ko ayo ntacyo yamumarira.

Umukozi ushinzwe imibereho myiza mu Murenge wa Karambi Twizerimana

Naramumushyiriye ngaruka mu rugo kwahira ubwatsi bw’amatungo kuko ari hafi, abayobozi bampamagaye ndaza, yemera kuzuza inshigano ze z’indezo, aniyemeza kwandikisha umwana, uyu munsi ku wa 22 Gicurasi twajyanye ku Murenge turamwandikisha.”

Avuga ko yanyuzwe n’uburyo abayobozi bakemuye ikibazo kandi ko yizeye ko ibyo mwarimu yemeye azabyubahiriza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Karambi, Hagenimana Narcisse, avuga ko bagikemuye, bizeye ko uyu mwarimu atazakinisha ubuyobozi, azuzuza inshigano ze nk’umubyeyi.

Ati: “Twaragikemuye, umwana ari mu muryango we, nyina aramufite, ari gufatanya na se kumurera, cyane cyane ko se amwemera, banamaze kumwandikisha mu bitabo by’irangamimerere, kuko twabahuje bakumvikana.”

Yasabye abasore batera abakobwa inda kujya bemera kurera abana kuko umwana ni uburenganzira bwe kurerwa mu muryango. Abaturage bakajya batangira amakuru ku gihe aho babona uburenganzira bw’umwana buhungabana.

## ITEGEKO

REPUBULIKA Y’U RWANDA

URUKIKO RUKURU RW’UBUCURUZI
B.P: 7197 KIGALI

ITEGEKO RYA PEREZIDA W’URUKIKO N°0002/2025/HCC RIHAMAGAZA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA AHO ABA HAZWI.

Umwaka wa 2025, umunsi wa makumyabiri na gatatu w'ukwezi kwa Gicurasi;

Twebwe, **KADIGWA GASHONGORE**, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi,a.i dufashijwe na NYINAWANKUSI Francine, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ry'urubanza **RCOMA 00010/2025/HCC** ryo kuwa 22 Gicurasi 2025; Me SAFALI Jean Bosco wari uhagarariye HARMONY VILLAGE 100 LTD yaragaragaje ko umuhesha w'inkiko yajyaniye IMARB GROUP Ltd urwandiko ruyitumira mu iburanisha ryo ku wa 22/05/2025, ariko agasanga aho yakoreraga itakihabarizwa, ngo akayishyira kuri e mail yari isanzwe ikoresha, ariko akaba nta kemeza ko baba barayibonye;

Dushingiye ku ngingo ya 45 n'iya 46 z'itegeko nº 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko amahamagara ya IMARB GROUP Ltd amanikwa mu gihe cy'amezi abiri (2) ku cyicaro cy'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ahamanikwa amatangazo agashyirwa no ku rubuga (website) rw'Urukiko rw'Ikirenga;

Tumenyesheje IMARB GROUP Ltd ko ibisobanuro birambuye kuri uru rubanza yabibona inyuze mu nzira y'ikoranabuhanga rya IECMS imaze kugaragaza umurongo wa interineti izajya imenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwayo;

Dutegetse ko iri tegeko ritangazwa mu kinyamakuru **IMVAHO NSHYA**;
Iburanisha rikazakomeza kuwa 24/07/2025 saa tatu n'igice za mugitondo (09h30).

KADIGWA GASHONGORE, Visi Perezida
P.O KIBUKA Jean Luc , Umucamanza

NYINAWANKUSI Francin
(Umwanditsi)





## ITANGAZO RY’ISOKO

Funded by the European Union

AFRICAN EVANGELISTIC ENTERPRISE Rwanda

PLAN INTERNATIONAL

**TENDER NOTICE**

**CONDUCTING AN INDEPENDENT MID-TERM REVIEW OF THE PROJECT ENTITLED “RESILIENT AND NUTRITION SENSITIVE AGRICULTURAL PROGRAM IN GATSIBO, NYARUGURU AND GAKENKE DISTRICTS**

**NO: 0177/AEE/PROC.LOG.ADMIN/05/2025**

AEE-Rwanda in partnership with Plan International, has been implementing a three-year agricultural project, funded by European Union under Agreement Number: **FED/2023/176817/37;** The “Resilient and nutrition sensitive agriculture Program in Rwanda-EU-KUNGAHARA Program. It aims at contributing to enhanced resilient and inclusive food systems that promote the health and well-being of vulnerable populations in Nyaruguru, Gatsibo and Gakenke districts, through addressing food and nutrition insecurity by increasing food production of staple crops and other nutrient-rich foods, and promote essential nutrition and WASH behaviors in Gatsibo, Nyaruguru and Gakenke. More specifically, the mid-term review will try to (iii) assess the progress made from the baseline value towards realizing the project’s impact, outcome and output indicator against the impact, outcome and output indicators as listed in the log frame and the M&E framework; (iv) look at the planned and non-planned outcomes and impact of the project, (v) assessment of the effectiveness and efficiency of the project implementation strategies to evaluate what is working and what is not working, (vi) evaluation of the quality and quantity of project activity deliverables achieved against plans, (vii) Assessment of the level of project participants and stakeholders’ engagement and cooperation for assuring increased ownership and sustainability of project interventions and results in the end; (viii) collecting and sharing the lessons learnt, best practices and challenges that could affect the project delivery and achievement making conclusions and recommendations for project adjustment and future programming; (ix) assessment of the project monitoring needs or gaps on various social-economic aspects: e.g., gender and last not least (x) evaluation of the current status of the project against key OECD criteria.
The detailed Terms of Reference are found in the tender document which will be availed upon presentation of the payment slip of a non-refundable 10,000 RWF deposited on AEE-Rwanda account number **00040-00047325-22 RWF in Bank of Kigali.**

Well bound and sealed bids presented in one copy should be submitted to AEE-Rwanda Head Office at Gishushu (opposite Gasabo District Office) not later than **May 29, 2025,** at **10:00 am** local time. Late bids will be rejected. Public bids opening session will be held at AEE-Rwanda Head Office the same day at **10:20 am**.

**Bids must include** Cover letter, financial proposal and certificates of administrative documents (RDB certificate, VAT certificate, Tax Clearance), proof of EBM Usage, Performance letters/ Letters of successful completion from three recognized companies/Organizations.

For more information about the Bid, please use the following email: **aeeprocurement@aeerwanda.ngo** with a copy to **jdusabe@aeerwanda.ngo**

Done at Kigali, on **22/05/2025.**

For **Dr. Fred MUGISHA, CPA, CGMA, PMP®**
**Chief Finance and Operations Officer**
**AEE-Rwanda**

2

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY’UMWANDITSI MUKURU **Ref Nº O25-079562** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW’IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N’UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/04/03/395** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO , AKAGARI KA KANYEGANYEGE, UMURENGE WA KATABAGEMU AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y’IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **12,408 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K’AMAFARANGA Y’URWANDA **14,900,000FRW**

**MUBURYO BWIKORANA BUHANGA CYAMUNARA KUNSHURO YAMBERE IZATANGIRA KWA 03/06/2025 SAA TANU ZAMUGITONDO (11H) KUGEZA KUWA 10/06/2025 SAA TANU ZAMUGITONDO (11H )**

**CYAMUNARA KUNSHURO YA KABIRI IZATANGIRA KUWA 12/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) KUGEZA KUWA 19/06/2024 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) KURI IYI NSHURO NIHATABONEKA UMUGUZI CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW’IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H )**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y’IPIGANWA INGANA NA **5%** BY’AGACIRO KOSE K’UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N’AMAFARANGA Y’U RWANDA **745,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y’AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA **0788629940**

IFOTO N’IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW’IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI Nº **102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 20/05/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

## ITANGAZO RY’AMASOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA BUMBOGO

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ubuyobozi bw' Umurenge wa Bumbogo buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko akurikira:

| Nº | IZINA RY' ISOKO | IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSIYE | IGIHE CYO GUFUNGURA AMABARUWA ARIMO IBICIRO | AHO AMAFARANGA AZATURUKA |
|---|---|---|---|---|
| TN/014/BUMB/2024-2025 | ISOKO RYO GUKUSANYA NO GUTWARA IBISHINGWE/IMYANDA BIVA MU NGO NO MU MASHURI BYO MU MURENGE WA BUMBOGO | Ku wa 19/06/2025 isaa 09h30 | Ku wa 19/06/2025 isaa 10h00 | Imisanzu y'abaturage, Ibigo by'amashuri |
| TN/015/BUMB/2024-2025 | ISOKO RYO GUKORA(REPARATION-GARAGE) IBINYABIZIGA BY' UMURENGE WA BUMBOGO | Ku wa 19/06/2025 isaa 09h30 | Ku wa 19/06/2025 isaa 10h00 | Umujyi wa Kigali |

Abifuza gupiganira iri masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya 21/05/2025 mu biro by'umunyamabanga w'Akanama k'amasoko mu Murenge wa Bumbogo, bamaze kumenyekanisha no kwishyura amafaranga ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (**10.000 frw**) kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA).

Bikorewe I Bumbogo, ku wa 20/05/2025

**NYAMUTERA Innocent**

**Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bumbogo**

Akarere ka Gasabo B.P.7066 Kigali| Hotline:1520| info@gasabo.gov.rw|www.gasabo.gov.rw

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY’UMWANDITSI MUKURU Ref **Nº O25-079633** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW’IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N’UBUTAKA BWUBATSEMO INZU **UPI: 5/03/04/01/429** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA BIHINGA , AKAGARI KA KABARORE , UMURENGE WA KABARORE,AKARERE KA GATSIBO, INTARA Y’IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **22022M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K’AMAFARANGA Y’URWANDA **27,700,000 FRW**

**MUBURYO BWIKORANA BUHANGA CYAMUNARA KUNSHURO YAMBERE IZATANGIRA KWA 03/06/2025 SAA TANU ZAMUGITONDO KUGEZA KUWA 10/06/2025 SAA TANU ZAMUGITONDO**

**CYAMUNARA KUNSHURO YA KABIRI IZATANGIRA KUWA 12/06/2025 SAA TANU (11H) ZA MUGITONDO KUGEZA KUWA 19/06/2024 SAA TANU (11H) ZA MUGITONDO KURI IYI NSHURO NIHATABONEKA UMUGUZI CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW’IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU (11H) ZA MUGITONDO RIRANGIRE KUWA 28/06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y’IPIGANWA INGANA NA **5%** BY’AGACIRO KOSE K’UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N’AMAFARANGA Y’U RWANDA **1,385,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y’AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA **0788629940**

IFOTO N’IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW’IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI Nº **102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 20/05/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-14 TARIKI 20- 26 Gicurasi 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yegukanye shampiyona 2024-2025



**Abafana ba APR FC bari basabwe n'ibyishimo**

**KAYITARE Jean Paul**

***Ikipe ya APR FC yegukanye igikombe cya shampiyona 2024-2025 nyuma yo gutsinda ikipe ya Muhazi United 1-0 iyitsindiye ku kibuga cya Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba.***

Iyi kipe y'ingabo z'igihugu itwaye igikombe nyuma yaho Rayon Sports yanganyirije na Vision FC 0-0 kuri Kigali Pelé Stadium.

Ku munota wa 81' Umunyezamu wa Vision FC, Lutaaya Michael yahawe ikarita itukura nyuma yo gufatisha intoki umupira hanze y'urubuga rw'amahina.

Ikipe APR FC yatsindiwe igitego kimwe rukumbi cyabonetse ku munota wa 35' w'umukino, gitsinzwe na rutahizamu Djibril Ouattara.

Ibi byahise bituma abakunzi bayo benshi bari bayiherekeje batahana ibyishimo by'igikombe batwaye ku nshuro ya gandatu yikurikiranya kuva mu 2020.

Undi mukino wahuje Etincelles FC na Bugesera FC, warangiye ari igitego kimwe cya Bugesera FC cyatsinzwe na Mucyo Didier Junior ku munota wa 84' ku busa bwa Etincelles FC.

Muri rusange APR FC yegukanye igikombe cya 23 cya shampiyona mu mateka yayo mu gihe kandi igishyize ku Gikombe cy'Amahoro 2025 nacyo yegukanye, ikagarurura amateka yo gutwara ibikombe bibiri mu mwaka umwe yaherukaga gukora 2014.

Ku rutonde rusange rwa shampiona, APR FC irayoboye n'amanota 64, ikurikiwe na Rayon Sports ifite amanota 60.

Ni mu gihe Muhazi United iri ku mwanya wa 15 n'amanota 30, ikipe ya Vision FC iri ku mwanya wa 16 n'amanota 21.



TABLE
2024-2025

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 29 | 27 | 64 |
| 2 | RAYON SPORTS | 29 | 25 | 60 |
| 3 | AS KIGALI | 29 | 4 | 46 |
| 4 | POLICE FC | 29 | 14 | 44 |
| 5 | GORILLA FC | 29 | 3 | 40 |
| 6 | RUTSIRO FC | 29 | -2 | 38 |
| 7 | MUKURA VS | 29 | -5 | 38 |
| 8 | BUGESERA FC | 29 | -2 | 37 |
| 9 | GASOGI UNITED | 29 | -3 | 37 |
| 10 | KIYOVU SPORTS | 29 | -14 | 37 |
| 11 | MUSANZE FC | 29 | -3 | 34 |
| 12 | MARINE FC | 29 | -8 | 34 |
| 13 | ETINCELLES FC | 29 | -2 | 33 |
| 14 | AMAGAJU FC | 29 | -10 | 33 |
| 15 | MUHAZI UNITED | 29 | -6 | 30 |
| 16 | VISION FC | 29 | -22 | 21 |

**Urutonde rw'amakipe muri shampiyona ya 2024-2025**